# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-69 TARIKI 4-10 KANAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw





AMAKURU
U Rwanda n'u Butaliyani mu biganiro byo kwakira abasaba ubuhungiro


2

AMAKURU
Polisi na RIB bavuze ko ubuzima n'umutekano by'umuturage ari cyo cya mbere

4

AMAKURU
Miliyari 960 Frw zimaze guhererekanwa kuva 'eKash' yatangira

6

SIPORO
Rayon Sports yegukanye CECAFA Kagame Cup nyuma y'imyaka 28

28


# U Rwanda rwikomye amasezerano RDC yasinyanye na FDLR



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier Jean Patrick

IMVAHO NSHYA

***Amasezerano aherutse gusinywa hagati y'umutwe w'abajenosideri wa FDLR na Guverinoma ya RDC ni amayeri ya Politiki n'ubucakura bwa Kinshasa. FDLR si uruhande rwasinye amasezerano ya Washington; ni umutwe urebwa n'ayo masezerano kandi ugomba guhashywa."***

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier Jean Patrick, yabikomojeho ashimangira ko atari ubwa mbere Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ikoresheje ubucakura n'amayeri mu kudindiza urugendo rwo kugarura amahoro arambye mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Ayo masezerano hagati ya Guverinoma ya RDC n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR yatangajwe ku wa 28 Nyakanga 2026, bivugwa ko ashyira intangiriro ku rugendo rwo

KOMEZA KU RUP.3

## Amajyepfo: Intore z'Umuryango FPR-Inkotanyi zasabwe kutihererana ibibazo

IMVAHO NSHYA

***Intore z'Umuryango FPR-Inkotanyi mu Ntara y'Amajyepfo zibukijwe ko ntawugomba kugira ikibazo abona ko ari kinini, cyamunanira kugikemura akacyihererana, "kuko hari abandi, n'inzego zinyuranye ziteguye kumufasha."***

Byagarutsweho n'Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa FPR-Inkotanyi Hon. Gasana Stephen, ubwo yitabiraga Inteko Rusange y'Umuryango FPR-Inkotanyi mu Ntara y'Amajyepfo yateraniye ku cyicaro cy'uyu Muryango muri iyo Ntara kiri mu Karere ka Nyanza, ku Cyumweru tariki ya 09 Kanama 2026.

Inteko Rusange yateranye ku nsanganyamatsiko igira iti: "Umunyamuryango ushoboye gusigasira icyerekezo cy'Umuryango FPR-Inkotanyi mu myaka 30 iri imbere".

Intore z'Umuryango FPR Inkotanyi ni abanyamuryango batoranyirijwe kuba intangarugero mu kwigisha, gushyira mu bikorwa no gushishikariza abaturage

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# U Rwanda n'u Butaliyani mu biganiro byo kwakira abasaba ubuhungiro



**Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda Yolande Makolo yemeje ko u Rwanda ruri mu biganiro n'u Butaliyani ku kwakira abimukira**

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo, yemeje ko u Rwanda n'u Butaliyani biri mu biganiro bigamije gushyiraho uburyo bwo kwakira abasaba ubuhungiro, hifashishijwe Inkambi y'Agateganyo u Rwanda rusanzwe rufite i Gashora mu Karere ka Bugesera.***

Makolo yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 6 Kanama 2026, mu kiganiro yagiranye na Royal FM, ubwo yabazwaga impamvu u Rwanda rukomeje kugirana ibiganiro n'ibihugu by'i Burayi ku bijyanye n'abimukira, nyuma y'uko amasezerano rwari rwaragiranye n'u Bwongereza ku kwimurira mu Rwanda abasaba ubuhungiro atageze ku ntego yari yitezwe.

Yasobanuye ko kimwe mu biri kuganirwaho ari uburyo bwo gukoresha Inkambi ya Gashora mu Karere ka Bugesera nk'ahantu hizewe ho kwakirira imiryango n'abantu badafite ahandi berekeza, ariko agaragaza ko ibiganiro bikiri mu ntangiriro.

Yagize ati: "Kimwe mu bitekerezo turi kuganiraho ni uburyo bwo kubakira by'agateganyo dusanzwe dufite i Gashora, nk'ahantu hizewe ku miryango idafite ahandi ijya. Ibiganiro biracyakomeje, nta mwanzuro urafatwa."

Makolo yavuze ko kuba u Rwanda rwitabira ibiganiro nk'ibi bishingiye ku mateka yarwo n'ubunararibonye rufite mu kwakira no gufasha impunzi n'abimukira.

Yagize ati: "U Rwanda rumaze igihe kirekire rufite ubunararibonye mu bibazo by'abimukira n'impunzi. Bitewe n'amateka yarwo, Abanyarwanda benshi bahunze igihugu mu bihe bitandukanye, cyane cyane mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Hari abagiye mu bihugu by'akarere nyuma bakagaruka, abandi bamara imyaka myinshi ari impunzi mbere yo gutahuka."

Yavuze ko ayo mateka yatumye u Rwanda rusobanukirwa neza ubuzima bw'abantu bahunga ibihugu byabo, bityo rugashyiraho politiki ibakira neza. Ati: "Kubera ayo mateka, twumva neza ubuzima bw'umuntu uhunze igihugu cye nta cyo asigaranye. U Rwanda ni kimwe mu bihugu bifite politiki ifunguye yakira abanyamahanga, kandi usanga ivangura rikorerwa abanyamahanga ridakunze kugaragara."

Makolo yavuze ko kuri ubu u Rwanda rucumbikiye impunzi zirenga ibihumbi 100 ziganjemo izaturutse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) no mu Burundi.

Yasobanuye ko impunzi ziba mu Rwanda zemerewe gukora akazi kazibeshaho, zigahabwa ibyangombwa biziranga, zikabona serivisi z'ubuvuzi ndetse igihugu kigafatanya n'Imiryango mpuzamahanga kugira ngo zibashe kubaho mu mutekano mu gihe zitegereje gusubira iwabo cyangwa kwimurirwa mu bindi bihugu byemeye kuzakira.

Yongeyeho ko iyi politiki imaze imyaka isaga 30 ishyirwa mu bikorwa kandi ari yo ishingiyeho uruhare rw'u Rwanda mu gushaka ibisubizo ku kibazo cy'abimukira ku rwego mpuzamahanga.

Ku bijyanye n'ibiganiro biri kuba hagati y'u Rwanda n'u Butaliyani, Makolo yavuze ko ikibazo cy'abimukira banyura mu nzira zitemewe n'amategeko ari ikibazo cyugarije Isi yose, bityo bikaba ari ibisanzwe ko u Rwanda rugirana ibiganiro n'abafatanyabikorwa barwo hagamijwe gushaka ibisubizo birambye.

Yibukije kandi ko mu 2018 u Rwanda rwashyizeho Inkambi y'Agateganyo i Gashora, yakira abimukira b'Abanyafurika bakurwa muri Libya ku bufatanye n'Umuryango w'Abibumbye n'indi miryango mpuzamahanga.

Kuva icyo gihe, ibihumbi by'abimukira banyuze muri iyi nkambi, aho benshi bamaze kwimurirwa mu bindi bihugu byabemereye guturamo burundu. Makolo yavuze ko iyi gahunda yatanze umusaruro ushimishije, kuko yarokoye ubuzima bw'abantu benshi n'imiryango yabo.

Yashimangiye ko u Rwanda rukomeje gukorana n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR) n'abandi bafatanyabikorwa mu kwakira aba bimukira by'agateganyo, mu gihe dosiye zabo zisuzumwa mbere yo kwimurirwa mu bindi bihugu, kandi ko ari muri urwo rwego ibiganiro n'u Butaliyani bikomeje.

Mu gusubiza abanenze gahunda y'ubufatanye hagati y'u Bwongereza n'u Rwanda ku kwimura abimukira, yaje guhagarikwa, Makolo yavuze ko u Rwanda rugikomeje kwemera ko intego yarwo ari nziza kandi ikwiye.

Yagize ati: "Tuzi ko ibyo dukora tubikora tugamije impamvu nziza."

Yakomeje agira ati: "Ndetse n'amasezerano twagiranye n'u Bwongereza, atagezweho kuko yaje guhagarikwa, yari ashingiye ku guha abantu aho baba. Nta kibi kiri mu guha abantu ubuturo."

Makolo yongeyeho ko amasomo u Rwanda rwakuye mu byabaye mbere yarufashije kurushaho kunoza uburyo ruhangana n'ibibazo nk'ibi.

Ati: "Ibintu byose dukora bidufasha kumenya uko ikintu gikurikiyeho twagikora neza kurushaho."

Yavuze kandi ko u Rwanda rubona ubufatanye mu bijyanye n'abimukira nk'uburyo bwo gukumira Abanyafurika bashora ubuzima bwabo mu ngendo zitemewe kandi ziteje akaga.

Ati: "Ntidushaka ko Abanyafurika bakora ingendo ziteje akaga bambuka ubutayu, bakaza gupfira mu Nyanja ya Mediterane."

Yakomeje agira ati: "Ntidushaka ko urubyiruko rw'Abanyafurika rubabara mu bihugu rutakiriwe neza. Turashaka ko rwishimira kuba ku Mugabane warwo kandi rukagira uruhare mu kuwubaka."

Makolo yavuze ko kugeza ubu nta gihe ntarengwa kirashyirwaho cyo gusoza ibyo biganiro.

Nk'uko byatangajwe n'itangazamakuru ryo mu Butaliyani ku wa 4 Kanama, Minisitiri w'Intebe Giorgia Meloni ari gushyira imbere gahunda yo gushinga ibigo by'igerageza byo koherezamo abimukira boherezaa mu bihugu bya gatatu, mu rwego rwa gahunda yagutse y'u Burayi igamije gukaza imicungire y'abimukira binjira mu buryo butemewe n'amategeko.

Ibyo binyamakuru byatangaje kandi ko u Butaliyani buri gukorana na Danemark, Otirishiya n'u Buholandi kuri uwo mushinga, watanzwe mu nama idasanzwe yahuje ba Minisitiri b'Umutekano w'Imbere mu Bihugu byo mu Muryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU).

U Rwanda, Uganda na Ghana ni byo bihugu bya Afurika byatangajwe ko ari byo ibiganiro by'ibanze byamaze gutangiriramo.

Itangazamakuru ryo mu Butaliyani kandi ryatangaje ko Roma yizeye ko ibyo bigo bya mbere by'igerageza bishobora gutangira gukora bitarenze mu mwaka wa 2027, mu gihe icyo gihugu gikomeje gusaba ko gahunda nshya y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi yo kwita ku bimukira no kubasubiza iwabo yashyirwa mu bikorwa vuba.

# U Rwanda rwikomye amasezerano RDC yasinyanye na FDLR

IBIKURIKIRA URUP.1

gusubiza mu buzima busanzwe abarwanyi b'uwo mutwe ubyamenyekanye ko ukorana ndetse ukanakorera mu Ngabo za Leta (FARDC).

Minisitiri wa RDC ushinzwe Gusubiza mu Buzima Busanzwe abahoze ari abarwanyi Floribert Anzuluni, yabwiye TV 5 MONDE ko aya maseserano ari ingezi cyane kuri Leta ya Congo iyabona nk'intambwe ya mbere yo guhashya uyu mutwe, mu gihe impuguke za Politiki zo zibona ari uburyo bwo kurushaho kudindiza ibikubiye mu masezerano ya Washington.

Mu kiganiro yagiranye na The New Times, Minisitiri Nduhungirehe yagize ati: "FLDR ikwiye guhashywa nk'uko bikubiye mu masezerano ya Washington."

Yavuze kandi ko umutwe w'iterabwoba wa FDLR ukomeje gukorana n'ingabo za FARDC, ari na zo bamaze imyaka myinshi bakoreramo, bahabwa intwaro, ibiribwa n'imiti mu mugambi wagutse wo kurenganya Abanyekongo by'umwihariko bo mu bwoko bw'Abatutsi n'abavuga Ikinyarwanda.

Ati: "Abanyekongo bazana ibintu bimeze nk'ikinamico. Twabonye FDLR yandikira Leta ya RDC na yo igasubiza abayobozi ba FDLR; ni nk'urwenya ariko twe twizera ko ari amayeri yo kudindiza adashobora kugira uwo ayobya."

Yavuze ko atari ubwa mbere ibi bibaye, atanga urugero rw'uburyo mu inama ya mbere yo ku rwego rwa ba Minisitiri yateranye mu Biganiro bya Luanda ku wa 21 Werurwe 2024, uwari Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Congo Christphe Lutundula yatangaje gahunda yo kurandura FDLR, ariko ku ya 25 Werurwe, hashize iminsi ine, akagirana ikiganiro n'abanyamakuru i Kinshasa, ababaza niba bazi aho FDLR iri, avuga ko na we atazi aho iherereye.

Ati: "Aho yatangiye guhindura imvugo, i Luanda yari yagaragaje umushinga wo kurandura FLDR ariko nyuma y'iminsi ine yibazaga niba uwo mutwe ubaho cyangwa utabaho."

Minisitiri Nduhungirehe yanagarutse ku biganiro byakurikiye ifatwa rya Uvira muri Werurwe uyu mwaka, aho Leta Zunze Ubumwe za Amerika zashyize igitutu kuri Leta Congo ngo yihutishe ibikorwa byo kurandura FDLR, nyuma y'iminsi 10 gusa abayobozi bakuru ba FARDC bagatangaza ko batangiye kugaba ibitero byo kurandura FDLR ariko babeshya.

Igitangaje ni uko nyuma y'iminsi ibiri gusa FARDC itangaje ko igiye kugaba ibyo bitero ahubwo yohereje FDLR indege za kajugujugu i Walikale zuzuye imbunda nto, amasasu, intwaro ziremereye ikabigeza ku birindiro by'uwo mutwe w'iterabwoba.

Minisitiri Nduhungirehe ati: "Bafite indimi ebyiri twamaze kumenyera. Ubu barimo kugerageza andi mayeri yo kudindiza urugendo rwo guhashya FDLR batangaza amasezerano na yo mu by'ukuri ahindura intego. Hari ingingo zitemewe ku mutwe w'abajenosideri nko kugerageza kubona urubuga rwa Politiki mu Rwanda. FDLR ni umutwe w'abajenosideri udashobora kubona urubuga rwa Politiki mu Rwanda, kandi [kuyiruha] binyuranye n'amasezerano ya Washington."

Amasezerano ya Washington Guverinoma ya RDC ivugwaho kudindiza, yashyizweho umukono na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame ndetse na Perezida wa RDC Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo ku wa 04 Ukuboza 2025.

Ayo masezerano agamije gukuraho intandaro y'amakimbirane mu Burasirazuba bwa RDC, akubiyemo ingingo zirebana no kutavogera ubusugire bw'ibihugu byombi, kurandura umutwe wa FDLR ku ruhande rwa RDC bizakurikirwa no gukuraho ingamba z'ubwirinzi z'u Rwanda, hamwe n'ubufatanye mu iterambere ry'ubukungu.

# Amajyepfo: Intore z'Umuryango FPR-Inkotanyi zasabwe kutihererana ibibazo

IBIKURIKIRA URUP.1

gahunda z'iterambere ry'Igihugu, kwimakaza ubumwe, n'ubwitange, bagakorera hamwe binyuze mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda z'ubutwari n'umurava.

Hon. Gasana yashimiye abanyamuryango bo mu Ntara y'Amajyepfo uruhare rwabo mu bikorwa bihindura imibereho y'abaturage no mu iterambere ry'Igihugu muri rusange.

Yabasabye kandi gukomeza gufasha abaturage guhindura imibereho yabo no kwimakaza umuco wo gushaka ibisubizo bigamije gukemura ibibazo bitandukanye duhura na byo kandi vuba.

Yibukije kandi abanyamuryango ko bagomba kugira umuhate wo gutanga serivisi neza no gukemura ibibazo by'abaturage aho biganragara hose.

Yasabye nanone ubufatanye bwa buri wese mu kurwanya ibiyobyabwenge n'inzoga zitujuje ubuziranenge kuko bibangamiye icyerekezo cyo kubaka umuturage ushoboye gusesengura ibibazo bye n'iby'Igihugu, akanagira uruhare mu kubishakira ibisubizo.



Umunyamabanga Mukuru Wungirije w'Umuryango FPR - Inkotanyi Gasana Stephen, yasabye abagize uyu Muryango kutihererana ibibazo bihari

# Polisi na RIB bavuze ko ubuzima n'umutekano by'umuturage ari cyo cya mbere



Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, ACP Rutikanga Boniface n'Umuvugizi w'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB)

**KAYITARE Jean Paul**

***Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, ACP Boniface Rutikanga na Dr. Thierry B. Murangira, Umuvugizi w'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB), bavuze ko kurwanya inzoga zitujuje ubuziranenge ari inshingano zireba buri wese kandi ko ubuzima n'umutekano by'umuturage kuri Leta, ari cyo kintu kiza imbere. Izi nzego zitanze ubu butumwa mu gihe hari abavuga ko abacuruzaga inzoga zizwi nk'icyuma basabwe kuzisubiza aho bazivanye kuko uwo bazisangana azakurikiranwa n'amategeko.***

Gusubiza inzoga aho abacuruzi baziranguye, hari ababifata nk'aho ari ukubateza igihombo nyamara ntiharebwe ku buzima bw'umukiriya, ari we muturage. Aha ni ho Polisi na RIB bahereye bavuga ko ikintu gikomeye cyane ari ukurengera ubuzima n'umutekano w'umuturage kurusha uko harebwa inyungu z'umuntu umwe.

Izi nzego zabigarutseho kuri uyu wa Gatandatu tariki 08 Kanama 2026, ubwo zerekanaga abagera kuri 16 bakurikiranyweho ibyaha bitandukanye birimo guha ikintu umuntu gishobora kumwica, kwigomeka ku buyobozi. Umuvugizi wa RIB, Dr. Murangira, yahishuye ko hari abakora ubushera ariko bagashyiramo itabi, amatafari, pakmaya, ethanol n'ibindi binyabutabire bityo bikangiza ubuzima bw'umuturage.

Ku rundi ruhande, Umuvugizi wa Polisi ACP Rutikanga, yavuze ko ibinyabutabire bya Ethanol cyangwa Methanol, kugira ngo byangizwe, ari uko abacuruzi babanje kugirwa inama, akongeraho ko ibinyabutabire bigiye kumenwa, bibanza kuvangwamo amazi mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

Yakomeje avuga ko ubuzima n'umutekano by'umuturage kuri Leta, ari cyo kintu cya mbere. Ati: "Umucuruzi burya ntugire ngo nta nshingano afite zo kurinda umuguzi we, ntitubyirengagize, [...] oya reka tubireke Leta izabarinda nibashaka bapfe, njyewe sinzabibazwa, oya. Ubuzima n'umutekano by'umuturage kuri Leta, ni cyo cya mbere. N'abacuruzi bose bacuruza babyumve gutyo, ko ubuzima bw'umukiriya wanyu bugomba kuza mbere, ibyo ngibyo si ibyo bagomba kwibutswa ngo byandikwe mu igazete ya Leta."

Dr. Thierry B. Murangira, Umuvugizi w'Urwego rw'Ubugenzacyaha, avuga ko ubuzima buzima ari cyo gishoro cya mbere. Ati: "Muri ubu bukangurambaga abantu bumve ko icyari cyagambiriwe bwa mbere atari uguhombya abantu, oya. Ikigambiriwe ni ukurinda ubuzima bw'abantu ni cyo cyita rusange cya mbere. Muri uko kurinda ubuzima bw'abantu hashobora kuba hari aho wari waranguye koko [...] ariko iki kibazo ntabwo kirengagijwe, igishyizwe imbere ni ubuzima bw'abantu."

Inzego z'umutekano zisaba abaturage kwirinda ibinyobwa bitujuje ubuziranenge no gutanga amakuru yafasha mu kurwanya iki kibazo cy'inzoga zitujuje ubuziranenge. Kuva tariki ya 2 Kanama, ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge bw'imiti n'ibiribwa, Rwanda FDA, cyafunze inganda 148 zikora inzoga zitujuje ubuzirenenge, kinahagarika ibinyobwa zikora.

Iki cyemezo cyafashwe nyuma y'aho isuzuma rigaragaje ko izi nganda zashyiraga mu binyobwa byazo ethanol idatunganyije neza, yangizaga ubuzima bw'ababinywaga. Leta y'u Rwanda igaragaza ko kuva muri Mutarama 2026, abantu 50 bishwe n'inzoga zitujuje ubuziranenge, 100 barahuma. Mu gihugu habarurwa abantu ibihumbi 11 babaye imbata z'izi nzoga.

# Hatangijwe ikoranabuhanga ryo kubika umwimerere n'ibikoresho ndangamurage

**MUTETERAZINA Shifah**

***Mu Rwanda hatangijwe umushinga w'ikoranabuhanga uzwi nka '3D' rizifashishwa mu kubika amakuru yo mu nzu ndangamurage zitandukanye ribungabunga umwimerere wawo. Ni umushinga watagiye gushyirwa mu bikorwa n'Inteko y'Umuco ku bufatanye n'Ikigo cya 'Global Digital Heritage Inc' gisanzwe kizobereye mu guhugura abantu kubungabunga umwimerere w'amateka hifashishijwe ikoranabuhanga.***

Uwo umushinga watangiye hahugurwa abagera kuri 17, gukoresha iryo koranabubanga barimo abakozi b'ingoro ndangamurage zitandukanye mu Rwanda. Bamwe mu bahuguwe baganiriye n'itangazamakuru ku wa 04 Kanama 2026, nyuma y'ikiganiro cyakozwe kigamije kugaragaza uruhare rw'ikoranabuhanga rigezweho mu kubungabunga umurage ndangamuco w'u Rwanda, bagaragaje ko amahugurwa bahawe bazayifashisha bahugura abandi.



Mu Rwanda hatangijwe umushinga w'ikoranabuhanga rizifashishwa mu kubika amakuru y'umwimerere yo mu nzu ndangamurage

Umwe mu bakozi b'Inteko y'Umuco ukorera ku ngoro y'ubuhanzi n'ubugeni ihereye i Kanombe mu Mujyi wa Kigali, Ngara Jean Bosco avuga ko ayo mahugurwa ari ingenzi kandi azabafasha. Ati: "Amahugurwa twahawe azadufasha gukora akazi kacu neza. Urumva twahuguriwe i Huye ariko aho dukorera hari ibihaba tugiye kubika mu buryo bw'ikoranabuhanga ku buryo hatabaho kwangirika kw'ikintu ndangamuco ngo kibure burundu."

Mutoni Peace ukorera i Musanze mu kigo cy'ubukerarugendo bushingiye ku muco, avuga ko uburyo bwo gushyira amakuru mu ikoranabuhanga bizarushaho gufasha urubyiruko kumenya amateka. Ati: "Twahuguwe kuba twafata amakuru y'igikoresho runaka kiri mu nzu ndangamurage, tukagifata tukagiha i ishusho isa na cyo neza neza (Scan). Ubwo buryo bufata inguni zose z'icyo gikorwaho ku buryo kibikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga kimeze uko cyari kimeze mu buryo bufatika."

Akomeza agaragaza ko ubwo buryo bufasha mu gusura hifashishijwe murandasi umuntu atiriwe ava aho ari. Ati: "Ibyo bintu bifasha urubyiruko nkatwe kumenya amateka bikaba byanarinda ko amateka asibangana igihe haba habaye n'impanuka yaba inkongi y'umuriro cyangwa indi twaba twizeye ko bya bintu hari aho biri kandi bigifite umwimerere wabyo."

Umuyobozi wa Global Digital Heritage Dr. Herbert Maschner avuga ko bashishikajwe no kubona abantu bazi uburyo bw'ikoranabuhanga bakoresha babungabunga umuco n'umurage byabo, ari yo mpamvu ashimira abamutumiye ndetse ko ngo ari umushinga ukomeje no mu bindi bihugu.

Intebe y'Inteko Prof Robert Masozera avuga ko ibyo bizafasha mu kurushaho kumenyekanisha umuco n'umurage by'u Rwanda ku rwego mpuzamahanga.

Ati: "Akamaro kabyo harimo kubungabunga birenze ibyo twakoreshaga, kandi iyo byagiye mu ikoranabuhanga bibikwa igihe kirekire, ababishaka bikaborohera ariko noneho bizanabimenyekanisha hirya no hino."

# Perezida Kagame yashimye Senateri Mukabalisa witangiye Igihugu

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yashimye Senateri Mukabalisa Donatille witangiye igihugu mu myaka isaga 20 yamaze mu nzego za politiki n'imiyoborere, avuga ko yaranzwe n'ubwitange, ubunyangamugayo, kwicisha bugufi no kubahiriza inshingano yari afite.***



Nyakwigendera Senateri Mukabalisa Donatille yasezeweho bwa nyuma



Dr. Kalinda François Xavier yashimye nyakwigendera Senateri Mukabalisa ko asigiye umurage mwiza abagize Inteko Ishinga Amategeko

Ibi Perezida Kagame yabigarutseho mu butumwa bwe bwatanzwe n'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango RPF-Inkotanyi, Ambasaderi Bazivamo Christophe, mu muhango wo gusezera bwa nyuma mu cyubahiro Senateri Mukabalisa Donatille, witabye Imana ku wa 30 Nyakanga 2026.

Uyu muhango wabereye ku wa Gatanu, tariki ya 7 Kanama 2026, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, witabirwa n'abayobozi mu nzego nkuru z'igihugu, abo mu muryango we, abavandimwe, inshuti n'abandi bakoranye na we mu bihe bitandukanye.

Mu butumwa bwa Perezida Kagame, yihanganishije umuryango wa Senateri Mukabalisa n'Abanyarwanda muri rusange, avuga ko igihugu kibuze umuntu wagize uruhare rukomeye mu iterambere ryacyo. Perezida Kagame yavuze ko Senateri Mukabalisa yaranzwe n'indangagaciro zirimo ubunyangamugayo, kwicisha bugufi, kwihangana no kubahiriza inshingano, ari na zo zamufashije gusohoza neza inshingano zitandukanye yagiye ahabwa cyangwa atorerwa.

Bazivamo ubwo yatangaga ubwo butumwa bwa Perezida Kagame yagize ati: "Senateri Mukabalisa Donatille yarangwaga n'indangagaciro zabaye umusingi w'iterambere ry'u Rwanda, zirimo kuba inyangamugayo, kwicisha bugufi, kwihangana no guhora yubahiriza inshingano afite, yagiye atorerwa cyangwa agahabwa inshingano zitandukanye kandi zisaba byinshi, kandi zose yagiye azisohoza neza n'ubwitange bwinshi."

Yakomeje avuga ko ubwitange bwe bwaturukaga ku kuba yarasobanukiwe ko gukorera igihugu ari inshingano ikomeye kandi ifite agaciro gakomeye. Ati: "Ibyo byaterwaga n'uko yumvaga neza ko gukorera igihugu ari inshingano iruta izindi kandi ifite agaciro gakomeye."

Perezida Kagame muri ubwo butumwa, yavuze kandi ko uwo mutima wo kwitangira abandi ari wo waranze ubuzima bwa nyakwigendera Mukabalisa, ukamuhesha icyizere n'icyubahiro mu bo bakoranye. Ati: "Uwo mutima wo kwitangira abandi ni wo waranze ubuzima bwe bwose. Watumye yubahwa n'abo bakoranye, anagirirwa icyizere kenshi. Igihugu cyimushimira ubwo bwitange."

Perezida Kagame kandi yashimye uruhare Mukabalisa yagize mu Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa Muntu (PL), avuga ko atari Perezida w'ishyaka gusa, ahubwo ko yari umubyeyi wa benshi, umujyanama, umurezi n'umuyobozi wahoraga ashishikajwe no kubaka ishyaka rirangwa n'ubumwe, ubufatanye n'icyerekezo kirambye.

Yavuze ko Mukabalisa asigiye ishyaka n'igihugu imishinga n'icyerekezo kigari bigamije gukomeza kwiyubaka no guteza imbere igihugu. Muri uwo muhango kandi, Perezida wa Sena, Dr Kalinda François Xavier, na we yagarutse ku nshingano zitandukanye Senateri Mukabalisa yagiye asohoza no ku murage mwiza yasize mu Nteko Ishinga Amategeko ndetse no mu gihugu muri rusange.

Yagize ati: "Muvandimwe, Nyakubahwa Mukabalisa Donatille, Abagize Inteko Ishinga Amategeko bagenzi bawe, udusigiye umurage mwiza tuzahora tukwibukiraho, imirimo myiza wakoreye Igihugu, umuryango wawe n'abakugiriyeho umugisha bose, biguherekeze kandi uruhukire mu mahoro."

Perezida wa Sena kandi yashimiye abayobozi, abavandimwe n'abandi bitabiriye umuhango wo gusezera kuri Mukabalisa, anihanganisha umuryango we. Ati: "Bayobozi muri hano, bavandimwe, mu izina ry'Inteko Ishinga Amategeko, ndabashimira ko mwitabiriye iki gikorwa cyo gusezera bwa nyuma mu cyubahiro Nyakubahwa Mukabalisa Donatille, nongeye kwifuriza umuryango we gukomera kandi tuwizeza ko tuzakomeza kuwuba hafi."

Urugendo rwa Mukabalisa muri politiki

Donatille Mukabalisa yinjiye muri politiki mu mwaka wa 2000, ubwo yabaga umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho. Muri icyo gihe, yagize uruhare mu bikorwa by'Inteko, ndetse aba Visi Perezida wa Komisiyo ishinzwe Ubukungu n'Ubucuruzi.

Mu 2003, yatorewe kuba Umudepite mu Nteko Ishinga Amategeko ahagarariye Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa Muntu (PL) akaba yitabye Imana ari Perezida wa ryaryo, aho yakomeje kugira uruhare mu bikorwa by'Inteko no mu ifatwa ry'ibyemezo bijyanye n'imiyoborere n'iterambere ry'igihugu.

Hagati ya 2011 na 2013, Mukabalisa yabaye Umusenateri, mbere yo kongera gusubira mu Mutwe w'Abadepite. Mu 2013, yatorewe kuba Perezida w'Umutwe w'Abadepite, asimbura Rose Mukantabana. Yongeye gutorerwa kuyobora uyu Mutwe mu 2018, akomeza kuri uyu mwanya kugeza mu 2024.

Nyuma yo kurangiza manda ye nka Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Hon Mukabalisa yakomeje ibikorwa bya politiki. Ku wa 19 Nzeri 2024, yagizwe Umusenateri, bityo agaruka mu Nteko Ishinga Amategeko akomereza imirimo muri Sena. Mukabalisa yitabye Imana ku wa 30 Nyakanga 2026, ari mu Bitaro byitiriwe Umwami Faisal i Kigali, aho yari amaze iminsi arwariye.

Urupfu rwe rwakurikiwe n'ubutumwa bw'akababaro bwatanzwe n'inzego zitandukanye z'igihugu ndetse n'imitwe ya politiki, zashimye uruhare yagize mu miyoborere y'u Rwanda no mu bikorwa bya politiki, cyane cyane imyaka isaga 20 yamaze akorera igihugu.

# Miliyari 960 Frw zimaze guhererekanwa kuva 'eKash' yatangira

IMVAHO NSHYA

***Banki Nkuru y'u Rwanda BNR yatangaje ko Miliyari 960 z'amafaranga y'u Rwanda zimaze guhererekanwa mu bikorwa byo kohereza no kwakira amafaranga hifashishijwe ikoranabuhanga rya 'eKash' ryashyizweho nk'uburyo bushya bwihuta bwo kwishyurana amafaranga buhuriweho n'ibigo by'imari bitandukanye.***

Bikubiye mu Itangazo iyi Banki yashyize hanze kuri uyu wa Gatatu, tariki ya 5 Kanama 2026, mu gihe hashize ibyumweru bigera kuri bitatu iri koranabuhanga ryo guhererekanya amafaranga ritangijwe ku mugaragaro. Iryo tangazo rikubiyemo ibyagezweho kuva eKash itangiye gukoreshwa mu gihugu hose ku itariki ya 14 Nyakanga 2026.

Rigira riti: "Kuva igihe eKash yatangira gukoreshwa, ibikorwa byo kohereza no kwakira amafaranga bisaga miliyoni 10,5 byarakozwe kandi byagenze neza ku kigero cya 98,6%. Abakoresha ubu buryo bwo kwishyurana bwa eKash bahererekanyije amafaranga y'u Rwanda arenga miliyari 960. Byongeye kandi, umubare w'abakoresha ubu buryo bwo kwishyurana wiyongereyeho 166%, uva ku 740 787 muri Kamena 2026 ugera kuri 1 971 522 mu mpera za Nyakanga."

BNR muri rusange yashimiye Abanyarwanda uburyo bitwaye neza


Iryo tangazo rikomeza rigaragaza ko BNR ishimira Abanyarwanda n'abaturarwanda muri rusange uko bakiriye kandi bakitabira gukoresha eKash, ndetse n'ibitekerezo byubaka bakomeje gutanga, bigira uruhare rukomeye mu kurushaho kunoza imikorere y'ubwo buryo bwo kohereza no kwakira amafaranga.

Riti: "N'ubwo ibikorwa byinshi byo kohereza no kwakira amafaranga byagenze neza, ibitaragenze neza biri gukemurwa n'ibigo by'imari bireba kandi BNR igenzura uko ibyo bibazo bikemurwa.

Ubukangurambaga bugamije kurushaho kumenyekanisha eKash ku rwego rw'Igihugu bwatangiye gukorwa kandi buzakomeza gukorwa kugira ngo Abanyarwanda n'abaturarwanda muri rusange basobanukirwe neza imikorere mishya y'uburyo bwo kwishyurana bwa eKash."

BNR ikangurira abagihura n'ibibazo ku ikoreshwa rya eKash kwegera ibigo by'imari bakorana na byo.

BNR izakomeza gukorana bya hafi n'abafatanyabikorwa bose kugira ngo serivisi zo kwishyurana zitangwa binyuze muri eKash zibe zifite umutekano, zizewe, zihuta kandi zoroheye abakoresha eKash.



Hakoreshejwe eKash , hamaze guhererekanywa miliyari 960 Frw

# U Rwanda na EU basinyanye amasezerano ya miliyari 67 Frw yo guteza imbere ubuhinzi

SHEMA Ivan

***Guverinoma y'u Rwanda n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU), basinye amasezerano y'inkunga ya miliyoni 40 z'Ama-Euro [asaga miliyari 67 Frw], azafasha u Rwanda guteza imbere ubuhinzi bujyanye n'igihe, budaheza kandi bushobora guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.***

Ni amasezerano yashyizweho umukono kuri uyu wa 4 Kanama 2026, aho u Rwanda rwari ruhagarariwe na Minisitiri w'Imari n'Ingenamigambi, Yusuf Murangwa mu gihe Ubumwe bw'u Burayi bwari buhagarariwe na Ambasaderi wabwo mu Rwanda, Belén Calvo Uyarra.

Ambasaderi w'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU), Belén Calvo Uyarra yavuze ko iyi gahunda igaragaza ubushake n'ubufatanye bw'ibihugu bigize EU mu guteza imbere ubuhinzi burambye kandi bushobora guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere.

Yagize ati: "Twishimiye cyane ko binyuze muri iyi gahunda turimo kurushaho gushimangira ubufatanye bwacu mu guhangana n'imihindagurikire y'ikirere no gushyigikira intego dusangiye zo guteza imbere gahunda z'ibijyanye n'ikirere ndetse n'urwego rw'ubuhinzi.

Iyi gahunda igaragaza icyizere dufitiye icyerekezo gikubiye muri Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST) y'u Rwanda, ndetse n'ubufatanye turimo kubaka kugira ngo dushyigikire ishyirwa mu bikorwa ry'icyo cyerekezo."



U Rwanda na EU byasinyanye amasezerano yo guteza imbere ubuhinzi bwihanganira imihindagurikire y'ikirere

Ambasaderi Belén Calvo yagaragaje ko icyiciro cya mbere cya gahunda yo gushyigikira Ingengo y'Imari y'Ubuhinzi Bujyanye n'Imihindagurikire y'Ibihe (Climate-Smart Agriculture Budget Support Programme) cyashoboye guhuza neza ibikorwa byo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere n'iterambere ry'urwego rw'ubuhinzi.

Yongeyeho ko icyiciro cya kabiri cy'uyu mushinga kizakomeza gushyigikira ivugururwa rya politiki, gukomeza kubaka ubushobozi bw'inzego zitandukanye no gushaka andi mafaranga yunganira uyu mushinga, kugira ngo politiki zashyizweho zihindurwe ibikorwa bifatika bigirira akamaro abahinzi, abaturage bo mu cyaro n'ibisekuru bizaza.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr. Ndabamenye Telesphore, yavuze ko uyu mushinga uzibanda cyane k'uturere two mu Ntara y'Amajyepfo n'iy'Iburasirazuba, aho amapfa akomeje kugira ingaruka ku musaruro w'ubuhinzi. Yagize ati: "Dukeneye kongera umusaruro w'ubuhinzi kuri hegitari. Hari uturere twibasiwe n'amapfa, bityo gahunda zo kuhira imyaka ku buso buto zigomba kwagurwa."

Yakomeje avuga ko hakenewe kwibanda ku byanya bigega nk'ahantu hatoranyijwe, bikaba byarahujwe bigenewe kongera umusaruro w'ubuhinzi, hibandwa ku buhinzi bubungabunga ubutaka, kurwanya isuri, guteza imbere ibiti bivangwa n'imyaka, gukoresha imbuto n'amoko y'ibiti byihanganira imihindagurikire y'ibihe, no kongera ubushakashatsi n'udushya muri ibyo byose kugira ngo umusaruro n'ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka z'ibihe bikomeze kwiyongera.

Kugeza ubu, Guverinoma y'u Rwanda imaze gutoranya ibyanya bigega 13 379 hirya no hino mu gihugu, bifite ubuso burenga hegitari 495 000. Buri gice cyakorewe isesengura ry'ibikenewe, ndetse hashyirwaho ushinzwe ubuhinzi (Agronome) ushinzwe gufasha abahinzi muri ako gace.

Dr. Ndabamenye yashimangiye ko ubuhinzi no kubungabunga ibidukikije bidashobora gutandukanywa. Yagize ati: "Urwego rw'ubuhinzi n'urw'ibidukikije bifitanye isano ya hafi. Tugomba kwigisha abahinzi uburyo bwo kuhira buhendutse, kongera ubuhinzi buvanzemo ibiti, guteza imbere ubuhinzi bubungabunga ubutaka no gukomeza gufasha abahinzi bato."

Yongeyeho ati: "Hari uturere dukeneye ishoramari rinini. Dukeneye gahunda ihuriweho izamura ubuhinzi burambye, iteza imbere uburyo bwiza bwo guhinga kandi igatanga imbuto zihanganira imihindagurikire y'ibihe."

Aya masezerano y'inkunga yubakiye ku mubano usanzwe hagati y'u Rwanda n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU).

Muri gahunda y'ubufatanye bw'Ubumwe bw'u Burayi n'u Rwanda yo mu myaka ya 2021–2027 (Multiannual Indicative Programme), EU yemeye gutanga inkunga ya miliyoni 390 z'amayero mu rwego rwo gushyigikira inzego z'ingenzi zirimo uburezi, guteza imbere ubumenyi no gushakira imirimo urubyiruko, cyane cyane mu bukungu bushingiye ku ikoranabuhanga.

Iyo gahunda kandi ishyigikira ibikorwa bigamije kwimakaza ubukungu burengera ibidukikije, iterambere ry'ubukungu ridaheza, ndetse no guteza imbere imiyoborere myiza mu rwego rwa politiki n'ubukungu mu Rwanda.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Umuganura: Imbuto z'umurimo unoze, isoko y'Iterambere*

Mu muco wa Kinyarwanda, imihango n'imigenzo byari inkingi yo guharanira kwiteza imbere no gusabana. Umuganura, nk'umunsi w'ishimwe n'ubusabane, wagaragazaga uburyo Abanyarwanda bishimira ibyo bagezeho, by'umwihariko mu burumbuke bw'ubuhinzi n'ubworozi.

Ku rwego rw'igihugu, Umwami n'abanyamihango b'Umuganura bayoboraga iyo mihango; ku rwego rw'imiryango, umukuru w'umuryango ni we wayoboraga igikorwa cyo gusangira no kwishimira umusaruro.

Umuganura wari umwanya wo kumurika ibikorwa by'indashyikirwa: inka nziza, umusaruro, n'imihigo yagezweho. Mu muryango, abakoze neza barashimwaga, ibigwari bikagawa, bityo bikaba uburyo bwo gushishikariza buri wese gukunda umurimo no kuwunoza.

Mu buzima bwa buri Munyarwanda, umurimo ni isoko y'iterambere. Ni wo musingi w'ubushobozi, ukanarinda ubukene binyuze mu kwigira kw'umuryango no ku gihugu. Iyo umuntu akora kinyamwuga kandi agaharanira kunoza ibyo akora, bigaragarira mu mpinduka zigaragaza iterambere mu buzima bwe no mu muryango muri rusange.

Muri iki gihe, Umuganura ntureberwa gusa ku musaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, ahubwo ujyana n'ibikorwa mu nzego zose: uburezi, ubuzima, imitangire ya serivisi, ikoranabuhanga n'ishoramari. Ni igihamya cy'uko umurimo unoze ari wo utanga uburumbuke, ukazamura ubukungu bw'Igihugu, kandi ukazana impinduka ku mibereho myiza y'Abanyarwanda.

Buri Munyarwanda afite inshingano yo gukunda umurimo: kugira umwete, kwirinda ubunebwe, gukoresha ubumenyi n'ikoranabuhanga mu guhanga udushya no kubaka iterambere rirambye.

Umuganura ugaragaza ko iyo umurimo ukoranywe ubunyangamugayo n'ubwitange, ubyara uburumbuke, ubusabane n'iterambere ry'Igihugu cyose.

**Ubwanditsi**

# Kurinda Igihugu bihera ku kurinda abato inzoga n'ibiyobyabwenge -Amb. Nduhungirehe



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel mu birori byo kwizihiza umunsi w'Umuganura

**MUTETERAZINA Shifah**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yibukije Abanyarwanda ko gukunda no kurinda igihugu bitangirira ku kurinda abakiri bato ibishobora kubangiza, birimo inzoga n'ibiyobyabwenge kugira ngo u Rwanda ruzagire umuryango muzima mu gihe kiri imbere.***

Ibi yabivuze ku wa 7 Kanama 2026, mu birori byo kwizihiza umunsi w'Umuganura mu Mujyi wa Kigali byabereye mu Murenge wa Kigali, Akagari ka Nyabugogo, byitabirwa n'abayobozi n'abaturage.

Amb. Nduhungirehe yavuze ko bigoye kuvuga ko umuntu akunda igihugu mu gihe atita ku baturage bacyo, ashimangira ko kurinda igihugu bidakwiye kugarukira gusa ku kukirinda abashaka guhungabanya umutekano wacyo, ahubwo bikwiye no kubamo kurinda urubyiruko n'abana bagize igisekuru kizagisimbura.

Yagarutse by'umwihariko ku kibazo cy'inzoga zitujuje ubuziranenge, avuga ko zishobora kugira ingaruka ku rubyiruko no ku hazaza h'igihugu.

Yagize ati: "Bavuze inzoga ngo zitwa ibyuma, ubundi ibyuma ntibinyobwa, biraterurwa. Urubyiruko rwifuza guteza imbere igihugu ni ukwitabira ibikorwa bya siporo. Hagiye gushyirwa imbaraga mu kubaka ibikorwa remezo bizajya byifashishwa n'urubyiruko, rukahigira n'umuco."

Yakomeje agira ati: "Hari abashobora kugira ngo kurinda u Rwanda ni ukurinda imbibi, FDLR n'indi mitwe igamije kugarura icuraburindi gusa, ahubwo ni ukururinda ikiragano cy'ejo kizaba kitagishoboye gukora kubera kubatwa n'izo nzoga zitujuje ubuziranenge."

Umujyi wa Kigali wagaragaje imbogamizi zikiriho

Muri ibyo birori byo kwizihiza Umuganura, ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwagaragaje ko nubwo hari intambwe mu iterambere hakiri imbogamizi zirimo ubusinzi bukabije, guta amashuri ndetse n'amakimbirane yo mu miryango.

Ubwo buyobozi bwashishikarije abaturage kuba ijisho rya mugenzi wabo no gutanga amakuru ku bibazo bishobora guhungabanya imibereho y'abaturage.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel yagize ati: "Hamwe n'ibigwi byiza Umukuru w'Igihugu arimo kudufasha kugeraho turacyabona kidobya, turacyabona abaryamye muri ruhurura kubera inzoga yasinze, haracyari abana barera abandi kubera ko bahohotewe biturutse ku biyobyabwenge. Ku munsi nk'uyu duteraniye aha nk'abanyakigali ni umwanya wo kubiganiraho."

Bamwe mu baturage bitabiriye Umuganura bavuze ko batahanye ingamba zo kurwanya inzoga z'inkorano no gutanga amakuru ku bantu bazenga cyangwa bazicuruza rwihishwa, kubera ingaruka zazo ku bana n'abandi baturage.

Ingabire Claudine yavuze ko Umuganura wamufashije gusobanukirwa ko atari umuhango wo kwishimira umusaruro gusa, ahubwo ko ari n'umwanya wo kureba ibyagezweho no kuganira ku byakorwa kugira ngo iterambere ryihute.

Ati: "Kwitabira Umuganura byatumye hari icyo menya. Nari nzi ko ari umuhango gusa, ariko namenye ko ari igihe cyo kwishimira ibyo twungutse biturutse mu kazi kacu ndetse no kuganira ku cyo twakora tugatera imbere kurushaho. Ntahanye ingamba zo kumenya amakuru y'abakiri kuzicuruza rwihishwa nkayatanga, kuko ziratwicira abana."

Hakizimana Gaétan, ufite imyaka 60, yavuze ko nubwo mu muco w'Umuganura habamo gusangira, harimo n'ibinyobwa, bidakwiye gufatwa nk'impamvu yo kunywa birenze urugero, ahubwo ko ari umwanya wo gusangira, kuganira no kungurana ibitekerezo.

Ati: "Ntahanye umukoro wo kudahishira abacuruza inzoga z'inkorano bihishe, kuko nibikomeza gutya zigacika burundu, umwaka utaha twazaganura umusaruro wariyongereye."

Umuganura wizihirijwe ku rwego rw'igihugu muri Rusizi

Ku rwego rw'igihugu, Umuganura wizihirijwe mu Karere ka Rusizi, aho insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: "Umuganura isoko y'ubumwe n'ishingiro ryo kwigira."

Mu bikorwa byaranze uyu munsi mukuru harimo kugaragariza abitabiriye ibyagezweho mu mihigo y'uturere n'inzego z'ibanze mu mwaka wa 2025/2026, ndetse no kuganira ku byakongerwamo imbaraga mu rwego rwo gukomeza guteza imbere imibereho y'abaturage n'ubukungu bw'igihugu.

Umuganura ni umuco nyarwanda wibanda ku gushimira umusaruro wabonetse, gusangira, gusuzuma ibyagezweho no gushyiraho ingamba zo gukomeza kwiteza imbere no kwigira.

# NEC yatangiye kwakira kandidatire z'abifuza gusimbura Depite Venuste Icyitegetse weguye




**NEC yatangiye kwakira kandidatire z'abahatanira umwanya w'Umudepite uhagarariye urubyiruko mu Nteko Ishinga Amategeko**

**ZIGAMA Theoneste**

***Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) yatangaje ko yatangiye kwakira kandidatire z'abifuza guhatanira umwanya w'Umudepite uhagarariye urubyiruko mu Nteko Ishinga Amategeko, nyuma y'iyegura rya Venuste Icyitegetse wari kuri uwo mwanya.***

Mu itangazo ryashyizwe ahagaragara ku wa Kabiri, tariki ya 4 Kanama, NEC yavuze ko uwo mwanya ukeneye gushyirwamo umuntu nyuma y'uko Icyitegetse yeguye ku mirimo ye nk'Umudepite. Iyegura rye ryamenyeshejwe Inteko Ishinga Amategeko na Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu ibaruwa yo ku wa 11 Kamena.

Icyitegetse yari umwe mu bagize Komisiyo y'Inteko Ishinga Amategeko ishinzwe Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta. Yari yaratorewe kuba umwe mu Badepite babiri bahagarariye urubyiruko mu Nteko Ishinga Amategeko igizwe n'Abadepite 80, mu matora yabaye muri Nyakanga 2024.

Nk'uko biteganywa n'itegeko rigenga amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ni yo ifite inshingano zo gutegura amatora yo gusimbura Umudepite utaratowe anyuze ku rutonde rw'ishyaka rya politiki cyangwa ihuriro ry'amashyaka.

NEC yavuze ko uwifuza kwiyamamaza agomba kuba ari Umunyarwanda ufite hagati y'imyaka 21 na 30 y'amavuko, azwiho ubunyangamugayo kandi yujuje ibisabwa n'amategeko kugira ngo ahatanire uwo mwanya.

Abakandida basabwa gutanga ibaruwa isaba kwemererwa gutanga kandidatire, umwirondoro (CV), kopi y'indangamuntu, icyemezo cy'amavuko, icyemezo cy'imyitwarire myiza, amafoto abiri magufi y'amabara (passport photos), icyemezo cy'uko nta byaha yakoze, icyemezo cya muganga cyerekana ubuzima bwe, ndetse n'inyandiko yashyizeho umukono yemeza ko amakuru yatanze ari ukuri.

Kwakira kandidatire bizabera ku cyicaro gikuru cya NEC kuva ku wa 10 kugeza ku wa 14 Kanama, buri munsi guhera saa tatu za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba. Hakurikijwe ingengabihe y'amatora, urutonde rw'agateganyo rw'abakandida bemerewe kwiyamamaza ruzatangazwa ku wa 17 Kanama, naho urwa nyuma rutangazwe ku wa 25 Kanama.

Kwiyamamaza n'amatora yo kuzuza umwanya w'Umudepite uhagarariye urubyiruko bizaba ku wa 2 Nzeri. Ibyavuye mu matora by'agateganyo bizatangazwa uwo munsi, mu gihe ibyavuye mu matora bya burundu biteganyijwe gutangazwa ku wa 9 Nzeri.

# Kunywa ibiyobyabwenge si indangagaciro y'Abanyarwanda – Dr. Bizimana



**NDOLI Sitio**

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascene yasabye Abanyarwanda kugira indangagaciro zirimo kwirinda ibiyobyabwenge n'inzoga z'inkorano mu rwego rwo kubungabunga ubumwe bw'Abanyarwanda no kwiteza imbere.***

Ibi Minisitiri Dr. Bizimana yabivugiye mu Murenge wa Rwimbogo, mu Karere ka Rusizi, ku wa Gatanu tariki ya 7 Kanama 2026, ahizihirijwe Umunsi Mukuru w'Umuganura ku rwego rw'Igihugu, ku nsanganyamatsiko igira iti "Isoko y'Ubumwe n'ishingiro ryo kwigira."

Dr. Bizimana, yavuze ko ntawe uzemera ko u Rwanda, nyuma yo kuva ahabi rukazahurwa, rwongera kwicwa n'ibiyobyabwenge, uburumbo, uburaya cyangwa izindi ngeso mbi izo ari zo zose. Ati: "Tugomba kubirwanya tukabitsinda, ntitugomba kubirebera. Umuco wacu nituwuhungure ibiwica, tuwinjizemo ibiwutera gukura ugana hejuru, tuwinjizemo ibituma ugomba guhora ari nta makemwa. Nitwiyubahe twirinde kwigira ubusa, kwigira abashenzi n'impfabusa. Nguwo Umunyarwanda u Rwanda rwifuza. Ngicyo igisobanuro nyacyo cy'Umuganura."

Yongeyeho ati: "Itariki ya 7 Kanama 2026 ni umunsi Igihugu cyahaye Abanyarwanda wo kwizihiza Umuganura, dusangira umusaruro wavuye mu maboko yacu. Nta Munyarwanda n'umwe udakwiye kwishimira ibyiza twagezeho tubyigejejeho."

Uyu munsi wizihijwe mu gihe inzego zitandukanye ziri mu rugamba rwo guhangana n'inzoga zitujuje ubuziranenge, zimaze guhitana abantu 50 kuva uyu mwaka watangira, abandi 100 bagahuma, mu gihe abandi bagize ibibazo by'ubuzima ndetse n'abandi benshi bakaba barabaswe na zo.

Minisitiri Dr. Bizimana, yavuze ko mu mateka y'u Rwanda, Umuganura washimangiraga Ubumwe bw'Abanyarwanda n'indangagaciro Abanyarwanda bahuriyeho. Yavuze ko buri gihugu kibeshwaho n'umuco n'indangagaciro zacyo, ari na yo mpamvu u Rwanda rukomeza kwizihiza Umuganura.

Ati: "Izi ndangagaciro twagiye tuzitakaza, hanyuma ni yo mpamvu hari ikibazo cy'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'inzoga zitujuje ubuziranenge kandi zica. Biraturuka ku kuba tutumva ko turi bene Kanyarwanda kandi dufatanyije." Yibukije ko kuganura bifite inkomoko ku byo dukora, ashishikariza buri wese gukora cyane kandi agakora agamije kuzamura umusaruro.

Ati: "Mu muganura, dusangira ibyo twejeje ariko tunazirikana inzira n'uburyo twakoresheje ngo tubigereho. Twakoresheje ubumenyi n'ubuhanga, dukoresha ifumbire, guhinga, twiyuha icyuya, duhangana n'ibibazo. Gukorera hamwe, kudacika intege, kwihangana, kwitanga, n'andi mahame mbonezamurimo. Ni yo twashyize imbere, dushyira imbere ingengamyitwarire yatumye umusaruro mwiza ugerwaho."

# Amajyepfo: Urubyiruko ruhamya ko gahunda yo kuhira yaruhaye imirimo

NYIRANEZA Judith

***Urubyiruko rwo mu Ntara y'Amajyepfo, mu Turere twa Gisagara na Huye ruvuga ko gahunda yo kuhira imyaka yatumye rubona akazi rwiteza imbere, ndetse binatuma rukora igenamigambi ry'ahazaza.***

Bamwe mu bagize Koperative y'urubyiruko mu Murenge wa Ruhashya mu Karere ka Huye, bibumbiye muri Koperative 'Terimbere Rwabushakiro' imaze imyaka igera ku 10, bavuga ko mbere bahingaga bibagoye, ariko aho Leta yabagejejeho uburyo bwo kuhira, ubu bizeye umusaruro mwiza. Mazimpaka Xavier yavuze ko ubusanzwe bahingaga ariko bagakuramo umusaruro wa ntawo.

Ati: "Mbere yuko umushinga ugamije kongera umusaruro w'Ubuhinzi, kuwushakira amasoko no kwihaza mu biribwa SAIP II utugezaho amazi twahingaga gusa ngo turamuke, tuvangavanga imyaka aha mu gishanga, ari ibigori, n'ibishyimbo ugasanga utavuga uti: nejeje ibilo by'ibishyimbo bingana gutya, ibigori se byari uguhingira amaramuko. Ariko kuva twagezwaho gahunda yo kuhira imaze imyaka 2, nibura nejeje ibitunguru bigera mu bilo 110, nkuramo amafaranga 110 000 byamfashije kugura mituweli n'itungo rigufi (ihene) ubu ryarungutse kuko ribyaye 3."

Uwizeyimana Chantal wo mu Karere ka Gisagara mu Murenge wa Save, mu Kagari ka Shyanda wuhira imbuto, yavuze ko bituma hari ibikoresho by'ibanze yigurira atagisaba ababyeyi be, akaba afite intego yo kuzaguramo amatungo magufi.

Yagize ati: "Igihe maze hano nkora biramfasha, nabonye akazi ko kuhira imbuto hano muri Kaminuza Gatolika y'u Rwanda, ku munsi mpembwa ibihumbi 2, tukayahabwa buri cyumweru. Yamfashije kwigurira iby'ibanze nkenera singitegera ababyeyi amaboko kandi mfite intego yo kugura amatungo magufi nk'ihene akazamfasha gukomeza kwiteza mbere." Yakomeje avuga kandi ko urubyiruko rukwiye kwitinyuka ntirugire akazi rusuzugura kuko nta mafaranga aba make.



Urubyiruko ruhamya ko rwabonye akazi mu buhinzi, aho bamwe buhira, abandi bakabagara, bagasarura n'ibindi



Urubyiruko ni rwo rwiganje mu mirimo yo kwita kuri izi mbuto

Mugisha Jean Marie Vianney umaze amezi 5 akora mu kuhira imbuto muri kaminuza gatolika y'u Rwanda yavuze ko amafaranga abona yamufashije korora inkwavu. Yagize ati: "Buri munsi turuhira ntidusiba, aka kazi kamfasha kugira uko nakiteza imbere, natangiye ubworozi bw'inkwavu, mfite gahunda yo gukomeza kwagura uwo mushinga ndetse nkaba nakorora n'andi matungo magufi."

Umubyeyi Marie yavuze ko buhira bakoresheje umupira babikesha kuba SAIP yarabahaye amazi akogotwa n'imashini. Yagize ati: "Umushinga SAIP waduhaye amazi byadufashije kubona akazi, ku munsi uwakoresheje umupira ahembwa 1 500 Frw naho ahuhirwa hakoreshejwe arozwari agahembwa 2 000 Frw. Duhembwa buri cyumweru kandi bidufasha kwikenura."

Ushinzwe ubuhinzi muri Kaminuza Gatolika y'u Rwanda ishami rya Save riherereye mu Karere ka Gisagara, Umurenge wa Save, mu Kagari ka Gatoki, ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'ubuhinzi, Ntihabose Cleophas yavuze ko ubuhinzi bakora bwatumye batanga akazi by'umwihariko ku rubyiruko.

Yagize ati: "Mbere twahingaga gakondo, tukavangavanga imyaka nk'ibishyimbo n'ibigori bitatangaga umusaruro, izuba ryaracanaga imyaka ikuma, imvura yagwa ari nke bikarumba, ariko aho SAIP iziye yaduteye inkunga ya miliyoni 72 Frw hazamurwa amazi aturuka mu gishanga cya Rwasave, hariyo imashini iyazamura akaza muri damu, noneho akadufasha kuhira mu gihe cy'izuba. Twe uruhare rwacu ni miliyoni 24 Frw. Abakozi bose hamwe ni 80 muri bo 60% ni urubyiruko rwiganjemo igitsina gore ku kigero cya 80%."

Umuyobozi w'Akarere ka Huye Sebutege Ange, yashimye uwo mushinga wahaye abaturage amazi yo kuhira, anashimangira ko ibyo bituma urubyiruko rubona akazi. Yagize ati: "Amakoperative umubare wayo munini ni uw'abagore nk'iyo mu Murenge wa Ruhashya, usanga 53% ari abagore kandi bigenda bifasha umuryango kwiteza imbere kandi muri ubu buhinzi icyo dushima ni uko urubyiruko rudasigara inyuma."

Amahugurwa menshi atangwa na SAIP mu kongerera ubumenyi abahinzi, hari ubuhumbikiro bwagiye bukorwa by'umwihariko ku biti by'imbuto, ku bufatanye n'amakoperative kugira ngo bikorwe n'urubyiruko tugende tubona n'urubyiruko rujya mu bikorwa by'ubuhinzi, kuko ubuhinzi ni umwuga ushobora kubateza imbere mu gihe wakozwe neza kandi na bo bawushyizemo umwanya wabo."

Ubwo buhinzi bwatangiye muri Mutarama 2026, bukorwamo n'abakozi buhira ku buso bwa hegitari 10, buhinzeho binyomoro 16 000 ahateganywa kuba bazasaruraho nibura toni 7 n'amatunda 5 500 bamaze gukuramo toni 1 n'ibilo 200 mu gihe yo hateganywa kuzasarurwaho Toni 12.

# Ibishingirwaho mu kwizihiza 'Umuganura' mu Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Mu gihe u Rwanda rwizihiza Umunsi Mukuru w'Umuganura buri wa Gatanu wa mbere w'ukwezi kwa Kanama, Inteko y'Umuco isobanura ko Umuganura ugenda uhinduka bitewe n'ibyo abantu bagezeho hakaganurwa ibyagezweho mu ngeri zitandukanye bitewe n'ibyo bakora, mu gihe mu Rwanda rwo ha mbere haganurwaga ibyejejwe byiganjemo amasaka n'ibindi.***

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, Intebe y'Inteko Yungirije, Uwiringiyimana Jean Claude yagaragaje ko ubu Abanyarwanda baganuzanya ibyo bagezeho mu byiciro bitandukanye birimo; mu ikoranabuhanga, ubuzima n'ibindi aho kuba umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi gusa.

Uwiringiyimana asobanura ko haganurwa ibyagezweho ariko hari abiganjemo urubyiruko bagitekereza ko Umuganura wizihizwa hakoreshejwe imbuto za kera, bigatuma babiharira abakecuru n'abasaza kandi atari ko bikimeze kuko ubu n'umwana ashobora kuganuza ababyeyi be amanota meza yagize mu ishuri.

Yagize ati: "Impamvu rimwe na rimwe batabyumva nuko bavuga ngo Umuganura ugizwe na za mbuto za kera za rucakarara bya bindi byo hambere, ariko ubu tuganuza Igihugu ibyo dukora mu nzego zitandukanye; mu ikoranabuhanga, mu buzima mu bikorwaremezo, ni ibyo twishimira ntabwo ari umusaruro uva ku byo ubuhinzi gusa. Umwana yaganuza ababyeyi amanota meza yagize, nonese ntamaze umwaka yiga si umurimo se?"

Avuga ko nubwo hari aho bizihiza Umuganura mu buryo bwa gakondo basangira amasaka n'ibindi na byo ari byiza kandi bashobora kubikomeza kuko ari umuco ariko n'urubyiruko ntirwumve ko ari gahunda zahariwe abakuze gusa.

Agira ati: "Urubyiruko rero turarushishikariza kubyumva bumve ko Umuganura, ntabwo ari ibyo bya gakondo ni umusaruro mu nzego zose, ibyo wagezeho byiza ukabiganuza Igihugu ndetse ugafasha na ba bandi batabashije kubigeraho."

Umuganura ni iki?

Uwiringiyimana asobanura ko Umuganura ari umunsi wo kwishimira no gusangira umusaruro weze, ukaba ari umwe mu nzira 18 z'ubwiru zitandukanye zabagaho mu Rwanda rwo hambere.

Ni gahunda y'Igihugu yamaraga umwaka wose aho mu Rwanda rwo hambere guhera muri Nzeri habagaho gahunda yo gutanga imbuto rubanda ruzabiba itanzwe n'Umwami akayiha abatware hakabaho icyitwaga 'guturutsa imbuto' (kubiba bwa mbere zimwe mu mbuto zirimo uburo, amasaka n'izindi).

Muri Gashyantare ngo habagaho kujyana i Bwami imbuto yeze bwa mbere ari byo byitwaga kujyana 'umurorano', noneho muri Kanama akaba ari bwo habaho Umuganura, abaturage bakajyana imbuto i Bwami n'abatarejeje na bo bakaganuzwa.



Ku muganura hafungurwaga amafunguro ya kinyarwanda

Nyuma yo kuganuzanya Umwami yarongeraga agatanga imbuto abaturage bakayitaho bashingiye ku ndangagaciro yo gukunda umurimo kandi cyaraziraga kurya imbuto.

Uwiringiyimana akomeza asobanura ko uyu muhango w'Umuganura waje gucibwa n'Abakoroni mu 1925, bagamije guca umuco n'ubumwe bw'Abanyarwanda ariko ukongera gushyirwaho na Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda mu 2011.

Agira ati: "Umuganura watumaga Abanyarwanda bashyira hamwe bakaganira bati: wowe ntiwejeje kubera ko wahuye n'icyiza runaka, bakongera bakaganira hari ikintu uwo muzi w'indangagaciro uko wari uteye nyako n'icyo wari ugamije, rero byagaruwe na Leta y'Ubumwe mu 2011."

Inteko y'Umuco igaragaza ko Umuganura ubumbatiye indangagaciro zituma Abanyarwanda bakora umurimo unoze, utari umuhango wo gusangira umutsima gusa ahubwo wizihizwa hazirikanwa indangagaciro zatumye umusaruro ugerwaho.

Umuganura ubumbatiye gahunda yo guteza imbere abaturage mu gukorera Igihugu, benecyo bakagiha amaboko ku buryo haboneka ibyo kuganura no kuganuza, kunga ubumwe, kuko ntacyo abantu bageraho badakoreye hamwe, kubaha ubuzima no kugira ubuzima bwiza, gukorera ku ntego ndetse no kunoza umurimo.

# U Rwanda rwakiriye impunzi n'abasaba ubuhungiro 177 baturutse muri Libya

SHEMA Ivan

***Guverinoma y'u Rwanda, ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR), yakiriye itsinda rya 24 rigizwe n'impunzi n'abasaba ubuhungiro 177 baturutse mu gihugu cya Libya. Aba bageze mu Rwanda mu ijoro ryo ku wa 5 Kanama 2026. Barimo Abanya-Sudani 68, Abanya-Eritrea 66, Abanya-Ethiopia 15, Abanya-Sudani y'Epfo 26 n'Abanya-Somalia babiri.***

Bahise bajyanwa mu Nkambi y'Agateganyo ya Gashora iri mu Karere ka Bugesera, aho bazacumbikirwa mu gihe bagitegereje gushakirwa ibindi bihugu byemera kubatuza mu buryo buhoraho. Kuva muri Nzeri 2019, u Rwanda rumaze kwakira abasaga 3 000 b'impunzi n'abasaba ubuhungiro baturutse muri Libya.



U Rwanda ruhamya ko ruzakomeza guha ikaze abakeneye ubuhungiro

Muri bo, 2 681 bamaze kwimurirwa mu bindi bihugu byabemereye kubakira no kubatuza burundu, birimo Canada yakiriye 927, Leta Zunze Ubumwe za Amerika 325, u Bufaransa 332, Suède 297, Finlande 271, Noruveje 229, u Budage 132, u Buholandi 94 n'u Bubiligi 72.

Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) yatangaje ko u Rwanda rukomeje ubushake bwarwo bwo gutanga ubuhungiro no kurengera abantu bahunga amakimbirane n'ibindi bibazo bibashyira mu kaga, mu rwego rwo gushyigikira ibikorwa mpuzamahanga byo kurengera impunzi.

# Kayonza: Kuhira hakoreshejwe imirasire y'izuba byazahuye ubuhinzi

NYIRANEZA Judith

***Akarere ka Kayonza kagira Imirenge ikunda kwibasirwa n'izuba, imyaka abahinzi bateye ikuma, kuba harashyizweho uburyo bwo kuhira hakoreshejwe imirasire y'izuba biri mu byazahuye ubuhinzi by'umwihariko mu Murenge wa Kabare kuko batagihinga bisunze ikirere.***

Abahinzi bo muri uwo Murenge bavuga ko hari igihe amapfa yabaga cyangwa se bakeza na duke kuko ikirere cyaho gikunze kurangwamo imvura nke, ntibihaze mu biribwa, ariko kuba barahawe amazi n'umushinga ugamije kongera umusaruro w'ubuhinzi, kuwushakira amasoko no kwihaza mu biribwa SAIP II bakaba buhira, byatumye ubuhinzi bwabo bushoboka, kuko basigaye bahinga ibihembwe by'ihinga byose nta nkomyi, bakeza kandi umusaruro ukazamuka, imiryango igatera imbere.

Ni nyuma yuko uwo mushinga wafashije kongerera ubushobozi ibikorwa remezo birimo imirasire y'izuba, imiyoboro n'imashini zikogota amazi mu kiyaga cya Muhazi hifashishijwe ingufu zikomoka ku mirasire y'izuba mu Murenge wa Rwinkwavu, ariko amazi akoherezwa mu Murenge wa Kabare kuko kuri hegitari 35, hari 65 amazi atarageraho.

Shyirambere Redempta, umwe mu banyamuryango ba Koperative GIKADINI utuye mu Kagari ka Cyarubare, mu Murenge wa Kabare mu Karere ka Kayonza, bakaba bahinga imboga n'imbuto, muri iki gihembwe bahinze urusenda, yavuze ko batarabona uburyo bwo kuhira byari bibagoye kuko nta nyungu babonaga mu buhinzi.

Yagize ati: "Hano hakunze kuba amapfa, mbere twuhiraga urusenda dukoresheje arozwari, ugasanga nta musaruro bitanga. Mbere twahingaga ducungana n'imvura tudasobora guhinga igihembwe cya C, ariko tumaze kugezwaho amazi n'umushinga SAIP, ubu duhinga ibihembwe byose

Uru rusenda mpinga kuri Are 30 iyo byagenze neza nkuramo ibihumbi 900 hakaba nubwo agera kuri miliyoni 1 n'ibihumbi 200 ava ku bilo biri hagati ya 900 na Toni, mu ghe mbere yo kuhira twahingaga utuntu two kurya gusa tutasagurira isoko, ducungana n'imvura."

Avuga ko amafaranga yakuyemo yaguzemo moto iri mu muhanda, yaguze isambu ya hegitari 1 ayiteramo ikawa, yakoze amasuku y'inzu, yaguze inka mu gihe cy'imyaka 3 kandi afite gahunda yo kuzakomeza akiga kaminuza.

Undi wari urimo gupakira urusenda mu modoka, Kalisa Aimable yavuze ko amafaranga akura mu buhinzi bw'urusenda amufasha kubonera umuryango iby'ibanze nkenerwa. Yagize ati: "Kuva twabona amazi yo kuhira, umusaruro wacu warazamutse, natwe twagurisha tukabona amafaranga twifashisha mu kwikenura mu rugo. Ubu sinananirwa gutanga Mituweli, umwana ntiyabura umwambaro n'ibindi by'ibanze."

Ugirumurera Faustin ushinzwe gufata neza ibikorwa remezo, akaba umuyobozi w'Umuryango 'Ubuzima Bwiza Kayonza 4', ni umuryango w'abakoresha neza mazi no kuyasaranganya agezwa ku baturage ngo babashe kuhira imyaka.

Yavuze ko SAIP II yabahaye imirasire y'izuba 540 ku gaciro k'amafaranga y'u Rwanda asaga miliyoni 800, yafashije kongera ingano y'amazi, bizahura ubuhinzi, kuko icyanya cya Kayonza 4 cyatunganyijwe kuva mu 2015, gifite ubuso bwa hegitari 365 gifite damu ariko bitewe n'ibihe by'izuba, hegitari 65 ntizagezweho n'amazi, bagobokwa n'umushinga SAIPII.

Yagize ati: "Umushinga SAIP waduteye inkunga y'ibikoresho bifite agaciro k'asaga miliyoni 800 z'amafaranga y'u Rwanda kandi unatanga amahugurwa. Ishyirahamwe ryacu ricunga rikanorohereza abahinzi bo muri aka gace kuhira."

Yakomeje asobanura ko ayo mazi ari igisubizo ku buhinzi, kuko mbere batezaga ugereranyije n'ubu babona amazi yo kuhira. Ati: "Duhinga imbuto, urusenda, inyanya, amashu, ibiti by'imbuto zirimo avoka ariko mbere ntacyo twakuragamo. Hariho ubwo abahinzi bateraga inyanya bakagira umusaruro udashimishije, yari amapfa gusa, nk'urusenda kuri hegitari hagomba kuva toni 3 cyangwa 4 ariko nta wasaruraga ibilo bigera muri 500, yabonaga nk'ibilo 100 gutyo. Ku nyanya mbere nta n'ibilo 400 umuntu yabashaga kubona kuri hegitari, ariko ubu bashobora kuhasarura nka toni 5."

Ugirumurera akomeza avuga ko kuhira byatumye umusaruro wiyongera, abona amafaranga maze bimuhindurira ubuzima kuko byamufashije kuvugurura inzu ye, yaguze imodoka na moto.



Abahinzi bahamya ko umusaruro w'urusenda wiyongereye babikesha kuhira



Imirasire y'izuba 540 yafashije abahinzi kubona amazi yo kuhira

Umuyobozi w'agateganywo w'Akarere ka Kayonza wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Jules Higiro yavuze ko umushinga SAIP wafashije abatuye mu Murenge wa Kabare kubona amazi yo kuhira batagitegereza imvura.

Yagize ati: "Abahawe ibikorwa mu cyiciro cya mbere cy'umushinga SAIP byatanze umusaruro kuko ntibarindira igihembwe baba bafite amazi, si kimwe na mbere bategereje ikirere, ubu bahinga umwaka wose, umusaruro uriyongera kandi ni nako biteza imbere."

Yagarutse ku buso bumaze kugezwaho amazi bahinga buhira, ati: "SAIP ni umufatanyabikorwa w'Akarere imaze gutera inkunga abagenerwabikorwa mu cyiciro cya mbere bahawe uburyo bwo kuhira bakoresheje imirasire, 12 bahinga kuri hegitari 100 n'abandi 31 bahinga kuri hegitari 73 n'abandi bashya 80 bashaka guhabwa za moteri n'imirasire. Ni igikorwa kinini bahinga ku buso bunini kandi bibafasha no kwiteza imbere."

Higiro kandi yavuze ko hari n'indi mishinga myinshi igamije kunoza ubuhinzi. Yagize ati: "Mu karere harimo indi mishinga nka KIIWP, umushinga wa Gishanda, uwa Kanyeganyege, uwa Ndego ahagiye haba izuba ryinshi batanasaruye. Nka Gishanda barimo kuhira kuri hegitari 200, Kanyeganyege kuri ha 150 ndetse bageze kuri 53%, Gishanda bageze kuri 52% bakora umushinga, Ndego ntibaratangira ariko bashakakugera kuri ha 4 500, ni ukugira ngo ibashe guhangana n'ikibazo cy'izuba ryinshi kuko ubu ntitugitegereje iby'izuba cyangwa imvura."

# Amateka y’Umuganura n’uko wizihizwaga mu Rwanda



Ku munsi w’Umuganura, baganura ibiryo bya Kinyarwanda

NYIRANEZA Judith

***Umunsi w’Umuganura wizihizwa buri wa 5 wa mbere w’ukwezi kwa Kanama. Uyu mwaka wa 2026, wizihijwe ku wa Gatanu tariki 7 Kanama mu Karere ka Rusizi. Ufite insanganyamatsiko igira iti ‘Umuganura, isoko y’ubumwe n’ishingiro ryo kwigira’. Abakuze bavuga ko kuwizihiza ari ugusigasira umurage w’u Rwanda, bitewe nuko ukubiyemo indangagaciro z’umuco nyarwanda, kuko wari umunsi bahura bagasabana, bagasangira ku byo bejeje.***

Ibi bikubiye muri raporo ya UNECA yiswe “Macroeconomic and Social Overview 2026: Eastern Africa’s Balancing Act – High Growth, Tight Budgets, and Rising Uncertainty”, isesengura uko ubukungu n’imibereho y’abaturage bihagaze mu bihugu byo muri Afurika y’Iburasirazuba.

Iyi raporo yerekana ko u Rwanda ruza ku mwanya wa mbere mu kugira ingengo y’imari yiyongereye kurusha ibindi bihugu mu 2025/2026 ugereranyije n’umwaka wabanje, aho rwitaye ku kongera ishoramari mu bikorwa remezo, ubuhinzi, gukwirakwiza amashanyarazi, uburezi, ubuvuzi, imiturire n’Ikibuga cy’Indege Mpuzamahanga cya Kigali kiri i Bugesera. UNECA yavuze ko izi gahunda zijyanye n’umurongo w’u Rwanda wo kuba igicumbi cy’ubwikorezi bwo mu kirere, ubucuruzi na serivisi muri Afurika y’Iburasirazuba.

Muri raporo yayo, UNECA yavuze ko u Rwanda rwagize iterambere rishingiye ku nzego nyinshi, aho ibikorwa by’ubwubatsi, inganda ndetse na serivisi byagize uruhare rukomeye mu kuzamuka k’ubukungu. Mu gihembwe cya kane cya 2025, ubukungu bw’u Rwanda bwiyongereye ku kigero cya 11,2%, bitewe n’ubwiyongere bw’ibikorwa by’ubwubatsi, inganda, ubucuruzi, ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT) na serivisi.

Raporo ivuga ko iri terambere ryerekana ko ubukungu bw’u Rwanda butagishingiye ku rwego rumwe gusa, ahubwo buri kugenda bwaguka mu nzego zitandukanye zitanga umusaruro. UNECA yavuze ko izi gahunda zijyanye n’umurongo w’u Rwanda wo kuba igicumbi cy’ubwikorezi bwo mu kirere, ubucuruzi na serivisi muri Afurika y’Iburasirazuba.

Mu bijyanye n’imari ya Leta, UNECA yashimangiye ko u Rwanda rukomeje gucunga neza umwenda warwo, aho hafi 90% by’umwenda wa Leta ugizwe n’inguzanyo zihendutse kandi zoroshye kwishyura.

Iyi Komisiyo yavuze ko u Rwanda rukomeje kuba ahantu hakurura ba mukerarugendo baturutse muri Afurika no hanze yayo, cyane cyane mu bijyanye n’inama mpuzamahanga, ubucuruzi n’ubukerarugendo bwo kwidagadura. UNECA kandi yagaragaje ko ubukerarugendo bukomeje kuba rumwe mu nzego z’ingenzi mu bukungu bw’u Rwanda.



Hambere ku munsi w’Umuganura bakoreshaga by’umwihariko ibinyobwa by’imbuto za kinyarwanda

# RIB yataye muri yombi abantu 16 barimo n'Umuyobozi wa Ingufu Gin Ltd




**Dr. Thierry B. Murangira, Umuvugizi w'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB)**

**KAYITARE Jean Paul**

***Urwego rw'Ubugenzacyaha, RIB, rwerekanye abantu bafatiwe mu bikorwa bitandukanye bitubahirije amategeko nyuma yo gukurikirana rugasanga bakora inzoga zitujuje ubuziranenge hirya no hino mu gihugu. Igikorwa cyo kuberekana cyabereye ku cyicaro gikuru cya RIB ku wa Gatandatu tariki 08 Kanama 2026.***

RIB igaragaza ko hamaze gufatwa abarenga 80 mu gihugu hose, harimo n'abandi 16 bafatiwe mu Mujyi wa Kigali. Ibikorwa byo gufata abakekwaho gukora inzoga zitujuje ubuziranenge, Umuvugizi w'Urwego rw'Ubugenzacyaha, Dr. Thierry B. Murangira, avuga ko byatangiye kuva ku itariki 27 Nyakanga 2026.

Dr. Thierry B. Murangira, avuga ko ibirimo gukorwa biri mu rwego rwo kubungabunga ubuzima bw'Abanyarwanda. Yongeraho ko mu bafashwe, harimo ibyiciro bitandukanye birimo abakozi ba Leta, abayobozi mu nzego zibanze, abakozi b'inganda zabujijwe gukora ndetse na bamwe mu bayobozi bazo.

Akomeza agira ati: "Abantu barimo gukorwaho iperereza harimo abakozi bakora muri Leta, ba nyir'inganda, abakozi bakora mu nganda zafunzwe, abayobozi mu nzego zibanze ndetse n'abantu bakora kinyeshyamba, nta rwego na rumwe rumuzi."

Abafashwe 16 bari mu cyiciro cya ba nyir'inganda n'abakozi bazikoramo. Yongeraho ko n'Umuyobozi wa Ingufu Gin Ltd, Ntihanabose Samuel, uzwi ku izina rya Kazungu na we yatawe muri yombi n'abandi bakozi bakora mu ruganda ayoboye. Mu zindi nganda zahagaritswe hari abandi bakozi bazo bagiye bafatwa kubera ibyaha bakurikiranyweho.

Urwego rw'Ubugenzacyaha ruvuga ko muri 'Entreprise Urwibutso' harimo abakozi bayo bafashwe. RIB yasobanuye ko uruganda rwa 'Entreprise Urwibutso rwafunzwe', ari igice cy'uruganda rukora inzoga naho urukora umutobe rukaba rutarafunzwe.

Abakekwa bose bahuriye ku gukoresha ikinyabutabire cya Methanol. Ni mu gihe mu byaha bakurikiranyweho, harimo icyo guha umuntu ikintu gishobora kumwica, kunyereza umutungo, kwigomeka ku buyobozi. Icyaha cyo guha umuntu ikintu gishobora kwica cyangwa gushegesha ubuzima gihanwa n'Ingingo ya 115 y'Itegeko rigena ibyaha n'ibihano muri rusange.

Iyo umuntu ahamijwe iki cyaha, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3), n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya 300 000 FRW ariko atarenze 500 000 FRW.

Guhimba inyandiko mu mategeko y'u Rwanda ni icyaha gikomeye cyo gukora cyangwa gukoresha inyandiko zitahuye n'ukuri ku bw'uburiganya. Bihanishwa igifungo cy'imyaka 5 kugeza kuri 7 n'ihazabu ya miliyoni 3 kugeza kuri 5 z'amafaranga y'u Rwanda, hakurikijwe ingingo ya 276 y'Itegeko ryerekeye ibyaha n'ibihano muri rusange.

Icyaha cyo kwigomeka ku buyobozi giteganywa n'Ingingo ya 230 y'Itegeko rigenga ibyaha n'ibihano muri rusange mu Rwanda, gihanirwa igifungo kiri hagati y'amezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

# ACP Rutikanga yateguje umukwabu ku basinda n'abasambanira mu tubari n'utubyiniro




**Umuvugizi wa Polisi y'Igihugu ACP Rutikanga Boniface yateguje abijandika mu bikorwa biteye isoni ko bagiye guhagurukirwa**

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuvugizi wa Polisi y'Igihugu ACP Rutikanga Boniface yaburiye abiganjemo urubyiruko bakora ibikorwa bitandukanye yise ubwomanzi birimo ubusambanyi, kwiyandarika, ubusinzi bukabije n'ibindi bakomeje kugaragariza mu tubyiniro, mu tubari no ku mbuga nkoranyambaga by'umwihariko ku rubuga rwa TikTok.***

Yabateguje ko mu gihe cya vuba bagiye kujya bakurikiranwa n'amategeko kuko bakomeje gukora ibyangiza sosiyete nyarwanda. Yabigarutseho ku wa Gatandatu tariki ya 8 Kanama 2026, mu kiganiro n'itangazamakuru aho Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) na Polisi y'Igihugu berekanaga abantu 16 batawe muri yombi bakurikiranyweho ibyaha birimo gukora inzoga zitujuje ubuziranenge.

Yashimangiye ko mu gihe u Rwanda rukomeje ibikorwa byo guca burundu inzoga zitujuje ubuziranenge, inzego zitandukanye zabonye abirirwa mu bikorwa by'ubwomanzi kandi ko ubuyobozi butazabibemerera. Yagize ati: "Abacuruza mu tubari, utubyiniro n'ahandi hose, imyitwarire mibi y'abantu bari aho bazayibazwa na bo. Kuko ntabwo twemera abantu bari aho b'ibyomanzi batwawe n'ikintu bise gutwika. Ibi ndabivuga ndi Umuvugizi wa Polisi n'umuvugizi wa RIB yabivuze, ni na ko ubuyobozi bukuru bubyumva".

Yashimangiye ko ibyo bikorwa agereranya n'umwanda cyangwa ico Leta y'u Rwanda itazabyihanganira na gato. Ati: "Abavuga ngo mu Rwanda ntiharyoshye, bazagende bajye aho haryoshye, bazagende rwose. Tuzakorana n'abantu bose haba abategura ibitaramo n'abandi hari imyitwarire tutazongera kwemera."

Yavuze ko mu gihe ibyo bikorwa byo kwiyandarika byaba bikomeje u Rwanda rwasigarana abantu b'ibisenzegeri. Ati: "Uburenganzira bw'abantu bugira aho buhera n'aho busoreza, ucuruza agira inshingano zo kurinda sosiyete. Ufata izo nshingano akazishyira ku ruhande umunsi inzego zibishinzwe zabishyizemo ingufu ntazavuge ngo turabangamye".

Yunzemo ati: "Rwose ikintu cy'ubwomanzi, ubusambanyi, ubusinzi, uburaya mu tubari, mu bizwi nka house party, ahantu hose twabihagurukiye". ACP Rutikanga yavuze ko umuntu wese ubonye ibyo bikorwa biba yatungira agatoki polisi kugira ngo ibice.

Yaburiye kandi abiyita ibyamamare bakora ibyo bikorwa byangiza sosiyete nyarwanda ahamya ko uzabifatirwamo na we azabihanirwa. Yavuze ko mu gihe Leta irimo guca inzoga zitujuje ubuziranenge zitwa ibyuma, na gahunda yari yaratangijwe yo kunywa inzoga zemewe izwi nka "Tunyweless" ntaho yagiye. Ati: "Ntabwo twemera ko abo banywa ibyemewe ngo babinywe uko bishakiye, bagwe mu muhanda tubatoragure, bambare uko bashaka, ntabwo birangiriye aho".

Yakomoje no ku bitwikira ijoro ku mbuga nkoranyambaga by'umwihariko urwa TikTok bakaganira n'abo hanze y'Igihugu ibiganiro biteye isoni birimo ubusambanyi n'ibindi ko inzego zibishinzwe zibazi kandi mu minsi mike zibashyira ahagaragara bityo abasaba kubireka hakiri kare.

Ibifatwa nk'urukozasoni ni ugusinda mu ruhame, ukaba wakwinyarira, cyangwa inzoga zikaba zakugaragura hasi mu muhanda. Gukorera imibonano mpuzabitsina ku karubanda na byo mu muco nyarwanda bifatwa nk'icyaha cy'urukozasoni.

Iyo umuntu yakoze ibiteye isoni mu ruhame ahanwa n'ingingo ya 135 y'Itegeko riteganya ibyaha n'ibihano, havuga hati: "Iyo icyaha cy'urukozasoni cyakorewe mu ruhame, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2), ariko kitarenze imyaka 3 n'ihazabu y'Amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi maganatanu (500) ariko kitarenze miliyoni imwe (1000 000).

# Rwamagana: Umusaruro w'ubuhinzi wikubye kabiri babikesha kuhira


Umusaruro w'imiteja wikubye kabiri nyuma yo kuhira

NYIRANEZA JUDITH

***Abahinzi bo mu Karere ka Rwamagana, mu Murenge wa Nzige bavuga ko kuba barahawe na Leta uburyo bwo kuhira bwatumye n'umusaruro wabo uzamuka, wikuba kabiri. Abo bahinzi bahamya ko gahunda yo kuhira yatumye basigaye bahinga ibihe byose batagendeye ku mvura umusaruro ukikuba kabiri.***

Kanani Emmanuel wo mu Murenge wa Nzige, mu Kagari ka Kigarama mu Mudugudu wa Mikoni uri mu itsinda 'Twiteze Imbere Mukoni' yavuze ko umusaruro we wikubye kabiri bitewe nuko Leta yabegereje uburyo bwo kuhira.

Yagize ati: "Ubu nahinze ibitunguru, kubera ko Leta ibinyujije mu mushinga SAIP, wahaye imipira 'Koperative Gwiza', umusaruro nabonye wikubye kabiri, kuko mbere nezaga nk'ibilo 45 cyangwa 50 ubu twuhira nejeje ibilo 100."

Mukeshimana Gloriose yavuze ko kuba bafite amazi byatumye aho guhinga ibishyimbo n'ibijumba yigira inama yo guhinga imiteja kuko yabonye ari byo birimo inyungu. Yagize ati: "Mbere yuko SAIP iduha amazi nahingaga ibishyimbo n'ibijumba by'amaramuko, ariko ubu nahinze ibitunguru nkuramo ibilo 100 mbigurisha ikilo ku mafaranga y'u Rwanda 1 000, nguramo amabati."


Abahinzi bishimira ko basigaye bahinga ibihembwe byose babikesha kuhira

Nzamwitakuze Valentine wo mu Murenge wa Nzige, mu Karere ka Rwamagana wo mu itsinda 'Twigire' rimwe mu yagize 'Koperative Gwiza', uhinga imiteja, ashima uburyo Leta yabatekerejeho bakaba batagihinga bisunze igihe cy'imvura.

Yagize ati: "Umushinga SAIP wadufashije kubona ibikorwa remezo none turuhira. Mbere twahingaga tugendeye ku mvura kandi ntitwari tuzi guhinga kijyambere, ariko baraduhuguye, duhuza ubutaka ku buryo no kubona isoko biroroha, duhinga dufite isoko. Ubu ubuhinzi ntitukibukora by'amaramuko, ahubwo twiteje imbere, ubu twakoze amasuku mu nzu, twishyura Mituweli bitatugoye, muri rusange ubuzima bwarahindutse."

Umuyobozi wa 'Koperative Gwiza', Jackson Rukundo avuga ko kuba barahawe uburyo bwo kuhira byahinduye cyane umusaruro w'ubuhinzi, urazamuka. Yagize ati: "Mbere yuko SAIP II iza, umusaruro wari muke cyane kuko tutari dufite ibikoresho bihagije byo kuhira. Mu bice bimwe na bimwe, amazi ntiyashoboraga kugera mu mirima, ndetse mu gihembwe cya C ntitwahingaga kubera izuba ryinshi.

Nyuma yo kubona inkunga yo kuhira, umusaruro wariyongereye cyane kandi SAIP yaduhuje n'ibigo by'imari n'amasosiyete atugurira umusaruro, abahinzi ntibagihinga imyaka ngo barye ahubwo umuhinzi akagira aho ava naho agera."

Yakomeje asobanura ko ubuhinzi babukorera mu gishanga cya Nyirabidiriri ku buso bwa hegitari 800 harimo 215 ziri mu gishanga izindi zikaba ku materasi, imaze imyaka 12 ikora, ifite abanyamuryango barenga 700, igahinga ibihingwa byoherezwa mu mahanga harimo imiteja, urusenda rw'ubwoko butandukanye.

Iyi koperative imaze imyaka 12 ikora, ifite abanyamuryango barenga 700, ihinga hegitari zisaga 38 kandi ikoresha abakozi barenga 100. Abanyamuryango bahinga ibigori, ibishyimbo by'ibishyimbo, urusenda rushyushye, ibigori bito n'izindi mboga ku masoko yo mu gihugu no mu mahanga.

Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Kagabo Richard Rwamunono, yavuze ko gahunda yo kuhira mu Ntara y'Iburasirazuba ubusanzwe hakunze kuva izuba ryinshi, umushinga SAIP waje ari igisubizo kuko wafashije abahinzi kubona ibikoresho bizafasha kuhira, ku buryo umusaruro wikubye kabiri.

Yagize ati: "Tugereranyije n'umusaruro wabonetse mu 2025 A n'ubu mu 2026 hazamutseho 52%, umusaruro wavuye kuri ubwo buso wikubye kabiri. Ntituragera aho dushaka kugera. Hari ibihingwa bizagenda bizamuka aho twabonaga nka toni 10 bikazamuka tukagera nko kuri toni 40. Umuhinzi iyo abishyizemo imbaraga ze n'uburyo baba bafashijwe birabazamuka."

Yakomeje agaragaza ko umusaruro w'ibigori wazamutse ku babihinga imusozi kandi byanatanze imirimo. Yagize ati: "Bamwe mu bahinga ibigori imusozi twavuye kuri toni 2,7 twabonaga turi kugera ku mpuzandengo yatoni 3,9 tugera kuri 4,9 kuri hegitari ahahujwe ubutaka. Byatumye umusaruro uboneka ku isoko."

Akomeza agira ati: "Ubuhinzi bwagize uruhare mu gutanga imirimo, kuko uburyo umubare w'ingo z'abaturage 123 000 dufite izirenga 88 000 zitunzwe n'ubuhinzi, kandi tubona bagenda biteza imbere mu bikorwa by'ubucuruzi, ubu ni ugukomereza ku buryo abantu bagura bagahinga mu nzu, bakubaka ibyumba bikonjesha. Intego Akarere kihaye mu gutanga imirimo biri hagati ya 6 600-7 800."

# Abanyarwanda 302 batahutse mu Rwanda bava muri RDC



Abanyarwanda 302 batahutse bava muri RDC

NDOLI Sitio

***Abanyarwanda 302 batahutse bavuye mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bageze mu Rwanda ku wa Gatatu, tariki ya 5 Kanama 2026, bakirwa n'inzego zitandukanye mbere yo koherezwa mu nkambi z'agateganyo ya Nyarushishi. Muri aba batahutse, 285 binjiye mu gihugu banyuze ku mupaka wa Grande Barrière uhuza u Rwanda na RDC mu Karere ka Rubavu, mu gihe abandi 17 banyuze ku mupaka wa Rusizi I. u bigo by'amashuri byatangiye gutekesha gaze, hagaragaye itandukaniro no gukoresha inkwi kuko byagabanyije amafaranga yagendaga ku nkwi, aho ikigo cyakoreshaga miliyoni 5 z'amafaranga y'u Rwanda gikoresha inkwi, kuri ubu gikoresha gaze bitwara miliyoni 2 800 000 Frw, kurengera ubuzima bw'abatetsi baciye ukubiri n'imyotsi bikanafasha kunoza isuku mu gikoni.***

Abanyuze i Rubavu barimo abagabo 37, abagore 71 n'abana 177, mu gihe abinjiye banyuze ku mupaka wa Rusizi I biganjemo abana. Bamwe mu batahutse bavuga ko bari bamaze imyaka babeshywa ko nibagera mu Rwanda bazicwa, ariko bakaza gufata icyemezo cyo gutaha nyuma yo kumenya ko igihugu gitekanye.

Ntabanganyimana Jean Claude yagize ati: "Twabwirwaga ko mu Rwanda hari abicanyi, ariko twaje kumenya amakuru nyayo. Intambara zakomeje kubera aho twari turi na zo zatumye dufata icyemezo cyo gutaha. Tugeze mu Rwanda dusanze ari amahoro."

Mukeshimana Jacqueline yavuze ko ubuzima bari babayemo bwari bugoye cyane, kuko inyeshyamba zabamburaga imyaka n'amatungo, ndetse ko abana be bari baramaze gutaha bamuhamagaraga bamubwira uko u Rwanda rumeze. Yagize ati: "Twari tubayeho nabi cyane. Abana banjye bari baratashye baduhamagarira kutubwira ko mu Rwanda ari amahoro. Natwe twafashe icyemezo cyo gutaha, dusanga koko igihugu gitekanye."

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Alfred Habimana, wakiriye abatahutse banyuze ku mupaka wa Rusizi I, yabasabye kwifatanya n'Abanyarwanda mu kubaka igihugu no kwiteza imbere, anabasaba gukomeza gushishikariza bagenzi babo basigaye muri RDC gutaha. Yagize ati: 'Twabasabye kwiyumva nk'Abanyarwanda batashye iwabo, bakitabira gahunda z'iterambere, ndetse bakamenyesha abandi basigaye muri Congo ko u Rwanda rubategereje kandi rwiteguye kubakira."

Abatahutse 17 banyuze ku mupaka wa Rusizi I bahise bajyanwa mu Nkambi y'Agateganyo ya Nyarushishi iri mu Murenge wa Nkungu, mu Karere ka Rusizi, mu gihe 285 banyuze ku mupaka wa Rubavu bo bajyanywe mu Nkambi y'Agateganyo ya Kijote iri mu Karere ka Nyabihu.

Aba baturage batahutse binyuze muri gahunda yo gukangurira impunzi n'abandi Banyarwanda bari muri RDC gutahuka ku bushake, aho bakirwa bagafashwa kongera kwinjira mu buzima busanzwe mu Rwanda. Kuva muri Mutarama 2025, Abanyarwanda batahuka bakomeje kwiyongera kuko bamaze kurenga 8 900.

# Iwawa hamubereye ishuri rishya: Urugendo rwo kugororoka kwa Dushimirimana

MICOMYIZA BARINDA Fidele



Dushimirimana yaganirije Imvaho Nshya ku buzima bwe Iwawa, agaragaza uburyo inyigisho yahaherewe zamubereye intangiriro y'impinduka mu mitekerereze

***Hari igihe ubuzima buhindukira umuntu atabiteganyije, inzozi zikazima bitewe n'amahitamo mabi. Ni ko byagendekeye Dushimirimana Moïse Hertier, wahoze ari umunyeshuri muri Kaminuza, wari ufite inzozi zo kuzaba umuntu ukomeye, ariko akaza kwisanga mu biyobyabwenge no mu byaha by'ubujura. Icyakora, urugendo rwe rwo kujyanwa mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa ntirwabaye iherezo ry'ubuzima bwe, ahubwo rwamubereye intangiriro y'urundi rugendo rwo kwiyubaka no guhindura imitekerereze.***

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, Dushimirimana uri mu bazataha mu cyiciro cya 25 cy'abarangije gahunda yo kugororwa, yavuze ko mbere yo gufatwa akajyanwa Iwawa, yigaga Ikoranabuhanga n'Itumanaho (IT) muri Kaminuza, ariko aza gukoresha ubumenyi yari afite mu bikorwa bitemewe n'amategeko.

Yagize ati: "Natangiye gukoresha ubumenyi bwanjye mu gusiba amakuru yo mu bikoresho by'ikoranabuhanga byabaga byibwe kugira ngo bigurishwe nk'ibishya. Nabikoze imyaka ibiri, kugeza ubwo abo nabikoreraga bafashwe, nanjye ndafatwa."

Avuga ko mbere yo kujyanwa Iwawa yari afite ubwoba bwinshi bitewe n'ibyo yari yarahumvise. Ati: "Numvaga bambwira ko nzakubitwa buri munsi, nkabaho nabi, ndetse ko nshobora no kuhapfira."

**Ubwoba bwarashize akigera i Iwawa**

Dushimirimana avuga ko ageze ku Kirwa cya Iwawa yabanje kwiheba, ariko uko yabonaga ubuzima bwo muri icyo kigo agenda ahindura imyumvire. Ati: "Ubwo ubwato bwahagararaga nahise ndira, nibwira ko ubuzima bwanjye burangiye. Ariko nkigera mu kigo nasanze ibyo nari narumvise bitari ukuri."

Avuga ko yatunguwe no kubona ibikorwa remezo, gahunda ihamye n'uburyo abafite inshingano babitaho, nta ihohoterwa yahuye na ryo nk'uko yabitekerezaga.

**Kwemera ikosa ni byo byabaye intangiriro yo guhinduka**

Dushimirimana avuga ko atageze Iwawa yemera ko yakoze amakosa, ariko ibiganiro yagiranye n'abafashamyumvire n'amasomo y'indangagaciro byamufashije kwisuzuma.

Ati: "Natangiye nemera ko nakoze amakosa. Nize indangagaciro na kirazira by'umuco Nyarwanda, nsubiza amaso inyuma mbona uburyo natengushye umuryango wanjye, cyane cyane mama. Ni bwo niyemeje guhinduka."

Dushimirimana asaba urubyiruko kwirinda ibiyobyabwenge n'andi mahitamo mabi ashora abantu mu byaha. Yagize ati: "Nabwira urubyiruko gutekereza ku ngaruka z'amahitamo rugiye gukora. Amahitamo meza ni yo yubaka ejo hazaza, amabi akagusenyera ubuzima.

Avuga ko agiye gutaha afite intego yo kureka burundu ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi, akaba umuturage ugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu.

Icyiciro cya 25 cy'abarangije gahunda yo kugororerwa mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa kigizwe n'abasore 4 845 bamaze igihe kirenga umwaka n'amezi ane bahabwa ubujyanama, inyigisho n'amahugurwa atandukanye.

Muri bo, abasaga 2 000 bahawe amasomo yo gusoma no kwandika, banahugurwa mu myuga irimo ubwubatsi, ububaji, ubudozi, ubuhinzi n'ubworozi ndetse n'ubukanishi, indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, gahunda yo kwiyobora no kugira amahitamo meza, umwanya wo guteza imbere impano zabo no gutozwa gukunda umurimo.

# Nyagatare: Imashini zihungura ibigori za miliyoni 125 Frw zaborohereje akazi

HIITIMANA SERVAND

***Abahinzi b'ibigori bibumbiye muri Koperative KABOKU ikorera muri Kagitumba, mu Karere ka Nyagatare, bavuga ko inkunga y'imashini eshanu zihungura ibigori n'izindi zifasha mu buhinzi bahawe yababereye igisubizo mu kwihutisha akazi no kurushaho kubungabunga ubuziranenge bw'umusaruro.***

Aba bahinzi bavuga ko mbere bahuraga n'imbogamizi mu gihe cy'isarura, kuko guhungura ibigori byabatwaraga igihe kinini, bikaba byanatezaga igihombo bitewe n'uko umusaruro wangirikaga mbere yo gutunganywa.



**Imashini zihungura ibigori zihutisha akazi**

Uzabakiriho Anastase ati: "Twishimiye kubona izi mashini zitworohereza akazi. Twadindiraga mu guhinga, bikagira ingaruka ku musaruro twabonaga. Ikindi ni uko, uretse imashini zihinga, twanahawe izihungura ibigori. Ubusanzwe twagorwaga cyane no guhungura ibigori, aho twagiraga umusaruro mwinshi bigatuma hari aho tuwuhurisha ibibando ukangirika."

Akomeza agira ati: "Imashini twahawe zihutisha akazi mu guhungura kandi zikabikora neza. Ikigori gihunguwe n'imashini kiba kitamenetse, bityo ntituzongera guterwa igihombo n'abaguzi bagabanya ibiciro bitwaje ko umusaruro wangiritse mu gihe cyo kuwuhungura."

Aba bahinzi bavuga ko igihombo kinini bagiraga cyabaga cyane mu bihe by'imvura, kuko byabasabaga gutanguranwa n'igihe kugira ngo babashe gutunganya no guhunika umusaruro wabo. Nkubana Onesphore, ukorera muri Zone ya Rwentanga, yagize ati: "Tumaze kubona ko ubuhinzi bw'ibigori ari ingenzi mu iterambere ry'ubukungu bwacu.

Gusa twari dufite imbogamizi mu gihe cy'isarura, aho twakoraga mu buryo bwa gakondo, bikadutindiza kandi bikagira ingaruka ku buziranenge bw'umusaruro. Mu gihe cy'imvura, umusaruro mwinshi wangirikaga kubera gutinda kuwuhungura."

Yongeyeho ati: "Kuri ubu twabonye igisubizo kuko izi mashini ziri kudufasha kugeza ku isoko ibigori bifite ubuziranenge kandi bitangiritse. Ni akazi gakorwa vuba ku buryo no mu bihe by'imvura bitazongera kuduhangayikisha."

Perezida wa Koperative KABOKU, Ngabirano Welberfone yabwiye Imvaho Nshya ko biteguye kubungabunga neza izi mashini kugira ngo zizarambe kandi zikomeze kubafasha kwiteza imbere. Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Matsiko Gonzague, yasabye aba bahinzi kubyaza umusaruro amahirwe bahawe yo kubona ibi bikoresho.

Yagize ati: "Izi ni izindi mbaraga abahinzi bacu bongerewe kugira ngo barusheho kunoza ibyo bakora. Bahawe ibikoresho bizabafasha kubona umusaruro wujuje ubuziranenge, bityo bahagarare neza ku isoko. Ikindi kandi, mu gihe batabikoresha, bashobora kuzikodesha abandi bahinzi, na byo bikabinjiriza amafaranga, bityo bikabafasha kurushaho kuzamura ubukungu bwabo."

Imashini imwe ihungura ibigori ifite agaciro ka miliyoni 25 z'amafaranga y'u Rwanda, kandi ifite ubushobozi bwo guhungura toni 15 z'ibigori mu isaha. Imashini eshanu zose hamwe zifite agaciro ka miliyoni 125 Frw.

Koperative KABOKU ikorera ubuhinzi mu gishanga cya Kagitumba cyatunganyirijwe ubuhinzi, gifite ubuso bwa hegitari 900. Muri icyo gishanga hahingwa cyane ibigori, soya, imboga, urusenda n'imbuto. Izi mashini zatanzwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Biribwa n'Ubuhinzi (FAO), mu rwego rwo gufasha abahinzi kongera umusaruro mwinshi kandi wujuje ubuziranenge.

# Burera: Amapoto y'amashanyarazi ashaje ateje impungenge abaturage ba Gahunga

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Mu Murenge wa Gahunga mu Karere ka Burera, abaturage batuye mu Tugari twa Rwasa na Kidakama bavuga ko bahangayikishijwe n'amapoto y'amashanyarazi ashaje amaze imyaka isaga 40 ashinzwe, bavuga ko ashobora kubateza impanuka mu gihe cy'umuyaga mwinshi n'imvura, ndetse bamwe bagatinya ko yazagwa ku nzu zabo cyangwa akagira abo ahitana.***



**Abaturage bikanga ko amapoto ashaje ashobora kuzabateza impanuka**

Mu bice bitandukanye by'umuhanda Gahunga - Cyanika no mu nkengero zawo; hagaragara amapoto y'ibiti ashaje, amwe yaratangiye kubora andi ahengamiye ku ruhande, mu gihe hari n'insinga nyinshi z'amashanyarazi zimanitse ku buryo zimwe zisa n'izenda gukora ku butaka, kimwe no muri santere y'ubucuruzi ya Gahunga. Abaturage bavuga ko bishobora gushyira ubuzima bwabo n'imutungo yabo mu kaga igihe cyose habaye umuyaga ukomeye n'imvura ikaze.

Abaturage bavuga ko aya mapoto yashyizweho kuva mu myaka ya 1980 andi akaba ari uduti abaturage bagiye bishingira bagamije gukurura umuriro w'amashanyarazi; bityo imyaka amaze akora ituma bahorana impungenge z'uko ashobora kugwa igihe icyo ari cyo cyose.

Mukamwezi Laurence, utuye mu Kagari ka Kidakama, avuga ko buri gihe imvura ivanze n'umuyaga iguye ibatera ubwoba. Yagize ati: "Iyo imvura iguye iherekejwe n'umuyaga ntidushobora kumva dufite umutekano. Aya mapoto arashaje cyane kandi hari aho usanga yaramaze kubora. Dutinya ko umunsi umwe yazagwa ku nzu zacu, akangiza ibyacu cyangwa akagira abo ahitana. Turasaba ko yasimbuzwa hakiri kare mbere y'uko haba impanuka."

Ntezimana Alphonse wo mu Kagari ka Rwasa na we avuga ko ikibazo kimaze igihe kinini kizwi n'abaturage, kandi ko bakibwiye inzego z'ubuyobozi bw'ibanze na REG ishami rya Burera. Yagize ati: "Aya mapoto amaze imyaka irenga 40. Hari ayo usanga yaraboze ubona nta ngufu kubera gusaza, andi ubona asa n'ayegamye. Iyo umuyaga uhuha cyane ntidutekana. Turifuza ko REG yayasimbuza kuko twumva ashobora guteza impanuka zikomeye."

Abaturage bavuga ko nubwo bishimira ko bagejejweho amashanyarazi, bifuza ko ibikorwa remezo bishaje na byo bivugururwa kugira ngo serivisi bahabwa ikomeze kubarindira umutekano.

Umuyobozi w'Akarere ka Burera, Mukamana Solina, yemereye Imvaho Nshya ko iki kibazo kizwi kandi ko Akarere kari kuganira na REG/EUCL kugira ngo gihabwe igisubizo kirambye. Yagize ati: "Ikibazo cy'amapoto yo ku

KOMEZA KU RUP.17

# Burera: Amapoto y'amashanyarazi ashaje ateje impungenge abaturage ba Gahunga

IBIKURIKIRA URUP.16

muhanda Gahunga - Cyanika ashaje kirahari. Akarere karavugana na REG/EUCL tubereka ikibazo n'ingaruka zacyo, tubasabe kwihutisha gahunda yo gusimbuza amapoto ashaje."

Ubuyobozi bwa REG mu Karere ka Burera na bwo buvuga ko iki kibazo bukizi kandi ko gahunda yo kuvugurura imiyoboro ishaje ikomeje, nk'uko Umukozi wa REG mu Karere ka Burera, Eng. Majyambere Jean de Dieu, yavuze ko gusimbuza amapoto ashaje bikorwa buhoro buhoro bitewe n'ubwinshi bwayo ndetse n'uko ubushobozi bugenda buboneka.

Yagize ati: "Amapoto ashaje turimo kugenda tuyasimbuza, kandi ntabwo ari muri Gahunga gusa, Akarere kose hari ahakigaragara amapoto ashaje. N'ubu hari amapoto amaze kugera hafi y'Umurenge wa Gahunga nko mu bice bya Rugarama na Cyanika. Kubera ko ari menshi, tuzakomeza uko ubushobozi buboneka kugeza hose tuyasimbuje."

Akomeza agira ati: "Dufite kandi umushinga witwa EPC Kalisimbi uzafasha kuvugurura imiyoboro y'Uturere dukora ku mukandara wa Pariki y'Igihugu y'Ibirunga, harimo Nyabihu, Musanze na Burera, na wo witezweho kudufasha kuvugurura imiyoboro yashaje, ubu ukaba rero urimo gukorera muri Musanze. Ni byo koko hari amapoto yashyizweho na Leta hashize imyaka myinshi, ariko hari n'andi abaturage ubwabo bashinze mu gihe bishakiraga amashanyarazi, na yo agenda asaza."

Imibare ya REG igaragaza ko kugeza muri Nyakanga 2025, Akarere ka Burera kari kagejeje amashanyarazi kuri 90,8% by'ingo, muri zo 70,7% zicometse ku muyoboro mugari w'amashanyarazi mu gihe izisigaye zikoresha ibisubizo birimo ingufu z'imirasire y'izuba. Ku rwego rw'igihugu, amashanyarazi yari amaze kugera ku 84,6% by'ingo

Nubwo Burera iri mu Turere twageze ku rwego rwo hejuru mu gukwirakwiza amashanyarazi, abaturage ba Gahunga bavuga ko umutekano w'ibikorwa remezo na wo ugomba kujyana no kongera umubare w'abafite amashanyarazi. Basaba ko amapoto ashaje asimbuzwa kugira ngo hirindwe impanuka zishobora kwangiza imitungo cyangwa guhitana ubuzima bw'abaturage.

# Karongi: Uwakoze Jenoside mu Bisesero wihishahishaga yafashwe



Yari yarakatiwe imyaka 19 aracika

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Baziruwiha Eliezer bahimba Sebishihe, w'imyaka 58, wo mu Mudugudu wa Matyazo, Akagari ka Kinyonzwe, Umurenge wa Mutuntu, Akarere ka Karongi wari warakatiwe imyaka 19 y'igifungo na rumwe mu nkiko Gacaca za Bisesero kubera uruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aha mu Bisesero, aho gukora igihano agacika agatangira kwihishahisha, yafashwe.***

Ni inkuru yashimishije cyane abarokotse Jenoside n'ubuyobozi bwa Ibuka mu Karere ka Karongi. Nyiransabimana Capitoline yagize ati: "Muri iyi Ntara y'Iburengerazuba hari n'abandi batwiciye abacu bakagenda bihishahisha mu zindi Ntara n'Umujyi wa Kigali. Aba ni bo bahindukira bakagaruka kugirira nabi abo batishe muri Jenoside.

Sinumva uburyo nk'umuryango w'umuntu nk'uyu uba uzi ko yagarutse, yihishahisha iwe mu rugo ukamuhishira uzi neza ibyo yakoze. Naryozwe igihano atakoze binabere isomo n'abandi bihishahisha hirya no hino cyangwa babitekereza."

Umuyobozi wungirije wa Ibuka mu Karere ka Karongi, Ntukanyagwe Jean Laurent, na we yagaragaje ko Ibuka muri aka karere yishimiye ifatwa ry'uwo mugabo wamaze Abatutsi mu Bisesero, agahunga ubutabera yibwira ko ibyo yakoze bizibagirana.

Yagize ati: "Agomba kurangiza igihano yahawe mu rwego rwo guca umuco wo kudahana. Tuributsa ko icyaha cya Jenoside kiri mu bidasaza. N'undi wese ucyihishahisha abonereho isomo yigaragaze, agaragaze uruhare rwe, asabe imbabazi abo yiciye n'Igihugu yahemukiye. Turasaba uwaba azi uwatorotse ubutabera wese akamenya aho aherereye kumutangaho amakuru, agafatwa akarangiza ibihano."

Yavuze ko nk'aba baba bateye impungenge cyane kuko babangamira gahunda y'ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, ari yo mpamvu abaturage n'inzego zose z'ubuyobozi bagomba kubahagurukira.

Yashimiye uwarokotse watanze amakuru yafatishije uwo mugabo, anavuga ko afite icyizere ko n'abandi bacyihishahisha amaherezo bazafatwa ari ikibazo cy'igihe gusa, kuko muri iki gihugu ntaho umuntu yacikira ubutabera.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mutuntu Ntaganda Wilson, avuga ko uyu mugabo yacitse umunsi akatirwa iyo myaka 19, arabura, abo yahemukiye n'abaturanyi be ntibamenya aho yarengeye, bamwe bakanakeka ko yaguye iyo yatorongereye.

Avuga ko uwo mugabo yaba yaratekereje ko imyaka ishize atorotse ubutabera ari myinshi byaba byaribagiranye, yirengagiza ko icyaha cya Jenoside kidasaza, aragaruka yihishahisha iwe mu rugo ariko akagira ubwo agaragara mu ruhame abaturage barimo n'abo yiciye ababo mu Bisesero bakamubona, kubyibazaho no gutanga amakuru.

Ati: "Muri uko gutanga amakuru umwe mu bo yiciye yaje kubimbwira, musaba kujya kubivuga kuri RIB, hanyuma tugashaka uburyo yafatwa. Ni muri urwo rwego ku wa mbere, tariki ya 3 Kanama 2026 twamufashe tumushyikiriza RIB, sitasiyo ya Rubengera ngo akurikiranwe, agaragaze aho yabaga niba hari n'abo bakoranye ibyaha bacyidegembya, ubutabera bukore akazi kabwo."

Ntaganda avuga ko muri aya mezi 6 muri uyu Murenge ayobora, abagera kuri 19 bakekwaho uruhare muri Jenoside bihishahishaga bamaze gufatwa, barimo abari barakatiwe n'Inkiko Gacaca na bo bafashwe bavuga batari bazwi ko bafatanyije kujya mu bitero, akizeza ko bizakomeza n'abandi bacyidegembya bagatahurwa.

# Huye: Amacupa ibihumbi 3, ibilo 200 bya tangawizi, litiro 31 000 bimaze kumenwa




Hamenwe inzoga zitujuje ubuziranenge

BYUKUSENGE Annonciata

***Mu rwego rwo kurwanya inzoga zitujuje ubuziranenge, ubuyobozi bw'Akarere ka Huye, Polisi n'abandi bayobozi bafashe inzoga zitujuje ubuziranenge mu Kagali ka Rukira, Umurenge wa Huye, ahitwa mu Gacyamo. Abatuye muri uyu Mudugudu w'Agacyamo bavuga ko izi nzoga z'ibyuma kuzica biziye igihe kuko zangije ubuzima bwa benshi nubwo batazi ko bazagaruka mu buzima busanzwe.***

Mukamurenzi ati: "Niba byashobokaga, abazanye igitekerezo cyo gukora izi nzoga zitujuje ubuziranenge bakabiryozwa kuko abantu barashize rwose. Urebye uko amaso y'abantu yamenaguritse kubera izi nzoga, abandi babyimbye inda nk'abarwaye urushwima, wahita ujyana mu butabera abazenga kuko bazi ububi bwazo, barangiza bakaziha abantu."

Umwe mu bacuruzi basanganywe inzoga zitujuje ubuziranenge bakunze kwita Bikorimana, yabwiye Polisi ko inzoga acuruza azirangura ku muturage uzikora, ariko we atazikora. Ati: "Izi nzoga nzirangura kwa Nduhuye Paulin, ni we uzikora kandi azikorera iwe mu rugo."

Mu bugenzuzi bwakozwe mu rugo rwa Nduhuye, hasanzwemo ibilo 200 bya tangawizi yifashisha mu gukora izo nzoga, amacupa azishyiramo, n'ikarito yuzuye udupapuro tw'ibirango bijya ku macupa y'inzoga akora.

Uretse mu Karere ka Huye, ibikorwa byo kurwanya inzoga zitujuje ubuziranenge birimo kuba mu bice bitandukanye by'Intara y'Amajyepfo nk'uko Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Amajyepfo CIP Kamanzi Hassan yabibwiye Imvaho Nshya.

Ati: "Uruhare rwa buri wese mu gukumira no kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge kandi bidakoranye umwimerere ni ingenzi. Ibi binyobwa ni uburozi bwangiza ubuzima bw'abaturage, by'umwihariko urubyiruko ari na rwo Rwanda rw'ejo hazaza. Ababinywa byangiza imikorere y'ubwonko, bikabatera kutagira imitekerereze mizima, bikabashora mu byaha birimo gukubita no gukomeretsa ndetse n'ibindi byaha bitandukanye."

Yakomeje avuga ko izi nzoga zitangiza ubuzima bw'abazinywa gusa, ahubwo zinatera amakimbirane mu miryango, zigatuma habaho urugomo ndetse zikongera ibyaha bikorerwa mu baturage. Ati: "Ibinyobwa bimaze kumenwa ni amakarito 1 313 y'ibinyobwa by'ubwoko butandukanye, amacupa 3 179 ndetse na litiro 31 269 z'ikigikwangari. Mu Karere ka Huye ni hamwe mu hamenwe izi nzoga, aho iziganjemo ari izizwi ku izina ry'ibyuma, zizwiho guteza ingaruka zikomeye ku buzima bw'abazinywa.

Umuyobozi w'Akarere ka Huye wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Kankesha Annociata, yavuze ko ikibazo cy'ibinyobwa bitujuje ubuziranenge kidashobora gukemurwa n'inzego za Leta zonyine, ahubwo ko bisaba uruhare rufatika rw'abaturage.

Yagize ati: "Turasaba abaturage gukomeza gufatanya n'inzego z'umutekano n'iz'ubuyobozi batanga amakuru ku bantu babikora cyangwa babicuruza, kugira ngo turinde ubuzima bw'abaturage kandi twubake umuryango utekanye."

Umuganga mu Bitaro bya Kabutare, Nsabimana François, yavuze ko inzoga z'inkorano zishobora guteza uburozi bukomeye bitewe n'ibinyabutabire bizirimo. Yagize ati: "Izi nzoga zishobora kwangiza umwijima, impyiko n'ubwonko, ndetse zikaba zanateza urupfu. Turasaba abaturage kwirinda kuzinywa."

Polisi y'u Rwanda yavuze ko ibikorwa byo kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge bizakomeza mu Ntara y'Amajyepfo no mu gihugu hose, ishimangira ko hatazihanganirwa abakora, abacuruza cyangwa abakwirakwiza ibi binyobwa.

Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda mu Karere ka Huye, SP A. Habimana, avuga ko Polisi n'izindi nzego zitandukanye batazihanganira abanywa, abakora n'abacuruza inzoga zitujuje ubuziranenge ndetse n'abakora ibyaha muri rusange akanasaba buri wese kwirinda icyagira ingaruka ku buzima bwe ndetse n'ubw'abandi muri rusange.

Ati: "Ntiduzihanganira abakora, abacuruza cyangwa abakwirakwiza ibinyobwa bitujuje ubuziranenge. Turasaba buri muturage kwirinda icyagira ingaruka ku buzima bwe n'ubw'abandi no gukomeza gutanga amakuru kugira ngo ibi byaha bicike burundu."

Polisi n'izindi nzego z'ubuyobozi zikomeje gushishikariza abaturage kwirinda kunywa no gucuruza ibinyobwa bitujuje ubuziranenge no gutanga amakuru y'aho bikorerwa cyangwa bicururizwa, mu rwego rwo kurengera ubuzima bw'abaturage no gukomeza kubaka umutekano usesuye.

---

HITIMANA Servand

# Bifuza ko umuhanda Nyagatare - Karama ushyirwamo ibimenyetso by'ahambukira abanyamaguru

***Abagenzi bakoresha umuhanda uhuza umujyi wa Nyagatare n'Imirenge ya Tabagwe na Karama bavuga ko batewe impungenge no kuba uyu muhanda utagira ahantu hateganyijwe ho kwambukira abanyamaguru, ibishobora guteza impanuka za hato na hato.***

Bamwe mu baturage bo muri iyo Mirenge cyane abafite abana bambuka umuhanda bajya kwiga bavuga ko kuba uyu muhanda utarashyizwemo inzira bambukiramo bibangamira imigendere.

Mushayija Gad yagize ati: "Twanejejwe no kuba twarubakiwe umuhanda wa kaburimbo ariko kuba hatarashyizwemo ibimenyetso by'aho abagenzi bambukira bitugiraho ingaruka, iyo hakozwe umuhanda wa kaburimbo bituma ibinyabiziga byongera umuvuduko ugereranyije nuko byagendaga mu muhanda w'igitaka. Ibi rero bituma umuntu ugiye kwambuka atinda atinya ko yakubitana n'ikinyabiziga mu gihe byo bidatanga umwanya ngo natwe twambuke.

Ikindi ni uko iyo abanyeshuri batashye usanga bakwira umuhanda mu kwambuka kuko ntahabugenewe hahari ibi bikaba byateza impanuka. Dufite impungenge ku bana bacu bashobora kugongerwa muri uyu muhanda."

Abo baturage bavuga ko uyu muhanda watangiye kuberamo impanuka aho ibinyabiziga n'abagenzi bagonganira mu kwambukiranya umuhanda.

Kamurase Dionise yagize ati: "Umusibo ejo hariya bita mu Gakuba habaye impanuka aho umugenzi yasiganiye kwambuka na moto, ikomeje ihita ihura n'indi yaturukaga Rwempasha ziragongana umuntu umwe ahita ahapfira. Ibi rero biratwereka ko impanuka zishobora kujya zidutwara abantu."

KOMEZA KU RUP.19

# Bifuza ko umuhanda Nyagatare - Karama ushyirwamo ibimenyetso by'ahambukira abanyamaguru



**Abakoresha umuhanda Nyagatarare – Karama bifuza ko ushyirwamo ibimenyetso by'ahambukira abanyamaguru**

IBIKURIKIRA URUP.18

Ahandi aba baturage bagaragaza ko hateye impungenge ni ahari amasoko yaba ay'ibicuruzwa bisanzwe nk'amasoko y'inka, haba urujya n'uruza rw'abantu benshi ku buryo babangamirwa no kutabona aho kwambukira.

Mukamugema Rose yagize ati: "Uyu muhanda uratuvuna iyo tugiye mu masoko kuko abantu baba babaye benshi buri wese akeneye kwambuka, ukabona n'ibinyabiziga bibyiganira kugenda mbere. Nk'abantu bakuze usanga bo batinya kwambuka bakaba bamara igihe ku nkengero z'umuhanda aho hari n'igihe bisaba abajya kubambutsa. Turifuza ko hashyirwa inzira z'abagenzi kugira ngo umugenzi na we agire uburenganzira bwo kwambuka bitamugoye, ariko binatange umutekano ku bakoresha umuhanda."

Augustin Manirakiza ushinzwe iterambere ry'imihanda mu Karere ka Nyagatare avuga ko gushyiraho inzira abanyamaguru bambukiramo mu muhanda bikorwa ku bufatanye n'ubuyobozi bw'Akarere na RTDA nyuma y'isuzumwa rikorwa ubuyobozi bukabona ko zihakenewe. Hagiye gukorwa ubugenzuzi harebwe niba koko izi nzira zikenewe n'aho zikenewe hagaragazwe hanyuma bizakorwe.

Ati: "Biriya biri mu nshingano zacu kandi turaza gukora isuzuma tunagaragaze aho zikenewe hose hanyuma zizashyirwemo.Twakwizeza abaturage ko iki kibazo kigiye kwitabwaho hanyuma ubuyobozi bugategura uburyo bikorwa. Si uko iki gikorwa kirengagijwe ni uko ibikorwa bigenda byuzuzanya bitewe n'ibyihutirwa kurusha ibindi. Twabanje gukora umuhanda turi mu nzira zo kuwucanira ariko n'iki cyifuzo cy'abaturage kizitabwaho."

Uwo muhanda ureshya n'ibilometero 30.8 umaze imyaka itandatu ukozwe mu rwego rwo kubaka imihanda ya kaburimbo iciriritse yoroshya imigenderanire ndetse ikoroshya ubucuruzi.

# Muhanga: Hamenwe inzoga zitujuje ubuziranenge zisaga litiro 6 700



**Inzoga zitujuje ubuziranenge gahunda yo kuzihiga no kuzimena irakomeje**

**HABIMANA Eric**

***Ubuyobozi bw'Akarere ka Muhanga butangaza ko mu gikorwa kimaze iminsi itanu cyo gukusanya no kurandura ibinyobwa bitujuje ubuziranenge, hamaze gufatwa inzoga zitujuje ubuziranenge 20 262 zifite agaciro ka miliyoni 40 504 209 Frw, mu rwego rwo kurengera ubuzima bw'abaturage, hakaba hamenwe izisaga litiro 6 700.***

Ku wa 6 Kanama 2026, mu Murenge wa Nyamabuye habereye igikorwa cyo kumena izi nzoga, ahangijwe litiro zisaga 6 700 zirimo izizwi nk'ibyuma mu bitoki n'ibindi binyobwa byagaragaye ko bitujuje ubuziranenge.

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga, Kayitare Jacqueline, yavuze ko iki gikorwa kiri mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Leta yo gukura ku isoko ibinyobwa bishobora guteza ingaruka zikomeye ku buzima bw'abaturage.

Yagize ati: "Kuva ku wa 1 Kanama turimo gukomeza gukurikirana ibi binyobwa bidafite ubuziranenge no kubimena kugira ngo bitongera kugera ku baturage. Ubushakashatsi bwagaragaje ko ari uburozi, bityo kubirandura ni ukurengera ubuzima bwacu."

Yakomeje asaba abaturage gutanga amakuru y'ahakigaragara ibi binyobwa aho kubihisha, avuga ko kubiceceka ari ugushyigikira ibikorwa bishobora gushyira ubuzima bw'abantu mu kaga. Ati: "Ikintu cyamaze kugaragazwa ko cyangiza ubuzima ntabwo gikwiye guhishwa, umuturage wese ufite amakuru akwiriye kuyatanga kugira ngo inzego zibishinzwe zibikure ku isoko ndetse no mu baturage muri rusange."

Bamwe mu baturage bavuga ko icyemezo cyo kurandura izi nzoga bacyakiriye neza. Habanabakize Innocent, utwaza abaturage imizigo mu Mujyi wa Muhanga (umukarani), yavuze ko izi nzoga zizwi nk'ibyuma zangije ubuzima bwa benshi, harimo n'abahoze bakora akazi nk'ake.

Ati: "Narazinyweye, twazinywaga tuzi ko turimo kuzishakamo imbaraga ngo dukore akazi, ariko wamara kuyinywa ahubwo kagapfa, twishimiye ko Leta yaziciye kuko zaratudindije aho kwiteza imbere ukayabona uyajyana mu byuma. Hari bagenzi bacu batakibasha gukora kubera ingaruka zazo, kandi bari bakiri bato bafite imbaraga."

Nsanzumuhire Berchimas, utwara abagenzi ku igare, yavuze ko kunywa ikinyobwa cya Kiwingu byamugizeho ingaruka kuko byamuviriyemo kwibwa igare rye. Ati: "Nari ntwaye umugenzi mujyanye i Shyogwe, agezeyo angurira Kiwingu, ngarutse nimugoroba natangiye kubona ibicyezicyezi, ndenga umuhanda ngwa mu ishyamba, nongeye gukanguka nsanga amafaranga, telefone n'igare byose babyibye, ubu ndimo gukoresha igare rya kabiri, ahubwo batinze kubica pe."

Ku ruhande rw'abacuruzi, Umutoniwase Chantal, umwe mu bacuruzaga izi nzoga, yavuze ko nubwo babihombeyemo, bashyigikiye gahunda yo kurengera ubuzima bw'abaturage. Ati: "Twahombye kuko ari zo twacuruzaga cyane, ariko ntitwakomeza kugurisha ibintu bivugwa ko byangiza ubuzima bw'abakiliya bacu. Icyo dusaba ni uko Leta yadufasha kubona ubundi buryo bwo gukora ubucuruzi."


Nk'uko bitangazwa na Minisiteri y'Ubuzima, izi nzoga zimaze guteza ingaruka zikomeye mu gihugu, aho zimaze kwica 50, abarenga 100 barahumye kubera zo, mu gihe abarenga 11 000 bamaze kuzahazwa n'ingaruka zazo.

Mu Karere ka Muhanga honyine hamaze gufatwa litiro 20 262 z'inzoga zitujuje ubuziranenge. Harimo litiro 4 508 z'ibyuma, litiro 2 254 z'izindi nzoga zirimo izikozwe muri tangawizi n'ibitoki na litiro 13 500 zafatiwe mu ruganda rwa Zoka zikamenwa ku wa 5 Kanama 2026.

# Rusizi: 27 bakoze Jenoside basabye imbabazi imiryango biciye

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Mugikorwa cy'isanamitima cyateguwe n'itorero EAR/ Diyoseze ya Cyangugu n'ubuyobozi bw'Akarere ka Rusizi, aho ku bw'inyigisho z'ubumwe n'ubudaheranwa zatanzwe n'iri torero, 27 bakoze Jenoside bari bararangije ibihano byabo mu magororero, bari kumwe n'imiryango yabo basabye imbabazi imiryango 23 biciye, barazibaha.***



**Gakwaya Egide arimo asobanurira Murekatete Béatrice uburyo ari we wamwiciye se muri Jenoside. Ntiyari azi ko ari we wamwishe**

Ni igikorwa cyabereye mu Murenge wa Nkungu, Akarere ka Rusizi ku ya 6 Kanama 2026, bamwe mu basabwe imbabazi babwiye Imvaho Nshya ko abazibasabye batari bazi ko ari bo babamariye imiryango. Bashimye iki gikorwa cyatumye bamenya uko ababo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kutari kwaragaragaye mu Nkiko Gacaca.

Murekatete Béatrice uvuga ko yiciwe umuryango mugari w'abarenga 50 barimo umugabo we bari bamaranye umwaka n'igice gusa, akamusigira inda y'amezi 6, avuga ko ku wa 5 Kanama 2026 ari bwo yamenye ko Gakwaya Egide w'imyaka 78 ari we wamwiciye se.

Uwo Gakwaya Egide yafunzwe imyaka 12 ataha arangije igihano ariko atarigeze ahingutsa ko yishe se wa Murekatete Béatrice. Aho EAR/ Diyoseze ya Cyangugu imuhamagariye, kimwe na bagenzi be, ikabaha inyigisho, yumvise ko, nubwo yarangije igihano akwiye kwandika ibaruwa agasaba imbabazi Murekatete.

Ati: "Mbonye iyo baruwa natunguwe no kumva ari we wanyiciye umubyeyi akaba yari atarabimbwira iyi myaka yose. Nashimishijwe cyane no kumenya aya makuru, muha imbabazi mbikuye ku mutima numva ndaruhutse na we aruhuka intimba yahoranaga yo kumpisha amakuru azi."

Avuga ko kugeza ubu hari imibiri y'abe barimo nyina, biciwe mu cyayi mu Murenge wa Nkungu atarabona, yifuza ko hari n'abandi batera intambwe yo kumusaba imbabazi bakanamwereka aho iyo mibiri iri, yakumva arushijeho kuruhuka. Gakwaya Egide yavuze ko nyuma yo guhabwa imbabazi na Murekatete Béatrice, bagahoberana yumvise ari bwo agize amahoro nyayo y'umutima.

Ati: "Ni bwo niyumvisemo amahoro ya nyayo y'umutima kuko twahuraga ngaca ku ruhande, ariko ubu aho ambwiriye ku mugaragaro ko ambabariye tugahoberana ari bwo numvise mbaye umuntu. Ubundi nagendaga numva ndi nk'igishushungwe kiri aho meze nk'utazi iyo ndi. Mbese ndazutse, mvuye ibuzimu ngiye ibuntu."

Kayumba Joseph w'imyaka 70, avuga ko nyuma yo guhabwa imbabazi na Bayingana Grégoire yiciye mushiki we, agiye gushishikariza abacyinangiye kuva mu bwigunge bw'imitima barimo, bagatera intambwe nk'iyo yateye.

Ati: "Uyu ni umunsi udasanzwe mu buzima bwanjye kuko mbabariwe. Intimba nagendanaga irashize. Ndashimira mbere na mbere Umukuru w'Igihugu Paul Kagame washyizeho iyi gahunda n'itorero EAR/Diyoseze ya Cyangugu ryaduhaye inyigisho zatumye niyemeza guhinduka. Hari benshi bumva twabaye ibigwari, abo ngiye kubegera mbashishikarize kuza na bo bakurikire inyigisho basabe imbabazi abo bahemukiye."

Bayingana Grégoire wamubabariye na we yagize ati: "Yishe mushiki wanjye. Narigishijwe numva nkwiriye kumubabarira. Twari abana 12 mu rugo n'ababyeyi bacu, nsigaye jyenyine abandi we na bagenzi be barabamaze. Ndashima Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda irangajwe imbere na Perezida Paul Kagame yatwigishije kubabarira aba batumariye imiryango, natwe tukaruhuka imitima."

Sekamana Vedaste w'imyaka 76, wafunzwe imyaka 30 akavamo arangije igihano agaya Leta mbi yabashoye mu kwica abaturanyi babo. Ati: "Leta mbi yadushoye muri Jenoside tukica abo twabyaranye muri batisimu, inshuti n'abavandimwe yaraduhemukiye cyane. Nishe nyina w'uyu Mukahirwa Libérée twari twarabyaranye muri batisimu turi imiryango y'inshuti, kubera Leta mbi. Yaratsinzwe ntikagaruke ukundi. Nishimiye ko Mukahirwa yambabariye. Intambwe twateye y'ubumwe n'ubudaheranwa ntizasubira inyuma."

Mukahirwa Libérée yavuze ko yari yarategereje ko amusaba imbabazi araheba. Ati: "Ndashimira abagize uruhare bose muri iki gikorwa aba baduhemukiye bakadusaba imbabazi. Nari narategereje ko aza kuzinsaba ndaheba ariko ijambo ry'Imana rimugezemo yumva akwiriye kuzinsaba. Ndazimuhaye. Nubwo gutanga imbabazi ari umuti usharira ariko tugomba kuwunywa kugira ngo duharanire iterambere nk'uko Leta yacu nziza ibidusaba."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa EAR/Diyoseze ya Cyangugu, Past. Ariho Boaz, avuga ko gahunda y'isanamitima n'ubwiyunge kuva iyi Diyoseze yayitangiza mu 2019 mu Turere twa Rusizi na Nyamasheke, yatanze umusaruro.

Ati: "Abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bumvaga ko ubwo barangije ibihano gusaba imbabazi abo bahemukiye atari ngombwa. Ariko aho dutangiriye iki gikorwa, tukabigisha tukabasobanurira akamaro ko kwiyunga n'Imana n'abo bahemukiye barabyumvise. Umusaruro umaze kuvamo twishimira ni imiryango 527 imaze gusabana imbabazi no kuzihana, irimo 127 y'uyu Murenge."

Avuga ko iki gikorwa kiba kireba imiryango yombi aho kuba uwahemutse n'uwahemukiwe gusa, kugira ngo imiryango yongere yiyumvanemo. Uhagarariye Ibuka mu Murenge wa Nkungu, Mutesa Jean Bosco yavuze ko iki gikorwa cyahinduye cyane imitima muri uyu Murenge, akabishimira Leta n'Itorero EAR/Diyoseze ya Cyangugu.

Ati: "Nka Ibuka turashimira cyane Leta n'iri torero imitima yaruhutse nyuma y'iki gikorwa. Abasaga n'abarebana ay'ingwe babanye neza mu matsinda bahuriramo bakaganira ibibateza imbere, batacyishishanya kuko bababariranye.

Yavuze ko Ibuka igitewe impungenge n'abinangiye, badashaka gutera iyi ntambwe y'ingirakamaro yo gusaba imbabazi, asaba Leta n'amadini n'amatorero gukomeza gufasha ngo n'abo bumve ko ari igikorwa batagomba gukinisha.

Umukozi ushinzwe imiyoborere myiza mu Murenge wa Nkungu, Ngezahaga Joseph, na we yashimiye abagize uruhare bose muri iki gikorwa yizeza gukomeza gukurikiranira hafi imibanire y'abateye iyi ntambwe, ngo ibere icyitegererezo abacyinangiye na bo bazayitere.

## ITANGAZO RY'ISOKO

Republic of Rwanda
City of Kigali
Gasabo District

Jali Sector

**Tender Notice**

Jali sector In Gasabo District , hereby Invites all Interested bidders to submit their bids for the following tenders

| Nº | Tender reference Number | Title o tender | Sources of funds |
|---|---|---|---|
| 01 | TN/001/JALI/2026-2027 | Supply & MAINTAINANCE OF ICT EQUIPMENTS. | COK/Jali sector |
| 02 | TN/002JALI/2026-2027 | Supply of Hygiene Equipment | COK/Jali sector |

Bidding Documents may be obtained from Central Secretariat of Jali sector from 06 August 2026 From 09:00 a.m. to 5:00 P.m. upon presentation of proof of payment of nonrefundable fee of tender thousand Rwandan francs (10,000 RWF) for each tender on RRA Account Number in any Commercial Bank operating in Rwanda.

well printed bids properly bound must be submitted in 3 copies of which, one of them should be original and 2 copies confirming to the original. Bids in sealed envelopes must be addressed and Submitted to the Central Secretariat of Jali sector before 10:00Hrs local Time on 27 August 2026.Later bids shall be rejected and returned unopened.

The opening of bids will take place on the same date of Submission of bids in the Presence of bidders or their Preventatives who choose to attend from 10:30 Hrs. Local time on 27 August 2026.

Done at Jali, on 06 August 2026

MUGAMBIRA Etienne

Executive Secretary of Jali sector

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Gasabo

**UMURENGE WA KACYIRU**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA AMASOKO**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kacyiru buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko mu gihe cy'umwaka ku buryo bukurikira:

| № | NOMERO IRANNGA ISOKO | IZINA RY'ISOKO | IGIHE NTARENGWA CYO GUTANGA DOSIYE | IGIHE CYO GUFUNGURA AMABARUWA ARIMO IBICIRO | AHO AMAFARANGA AZATURUKA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | TN/001/KACY/ 2026-2027 | Supply of office Materials | Taliki 26/08/2026 saa ine (10h30) | Taliki 26/08/2026 saa tanu (11h00) | Umujyi wa Kigali |
| 2 | TN/002/KACY/ 2026-2027 | Maintenance and repair of KacyiruIrondo Patrol Car | Taliki 26/08/2026 saa ine (10h30) | Taliki 26/08/2026 saa ine (11h00) | Umujyi wa Kigali |
| | TN/007/KACY/ 2026-2027 | Reception of Kacyiru guests (Restorant) | Taliki 26/08/2026 saa ine (10h30) | Taliki 26/08/2026 saa tanu (11h00) | Umujyi wa Kigali |
| 4 | TN/008/KACY/ 2026-2027 | Rehabilitation of government buildings : Sector, 3cells | Taliki 26/08/2026 saa ine (10h30) | Taliki 26/08/2026 saa tanu (11h00) | Umujyi wa Kigali |
| 5 | TN/009/KACY/ 2026-2027 | Supply of vurnerable materials and ECD Centers materials | Taliki 26/08/2026 saa ine (10h30) | Taliki 26/08/2026 saa tanu (11h00) | Umujyi wa Kigali |

Abifuza gupiganira aya masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera tariki ya **07 Kanama 2026** ku biro by'umurenge wa Kacyiru bamaze kwishyura amafaranga adasubizwa ibihumbi icumi by'amafaranga y'U Rwanda (**10.000 frw**) kuri konti y'ikigo cy'imisoro n'amahoro (RRA).

Bikorewe Kacyiru kuwa 06/08/2026

**URUJENI Gerturde**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kacyiru

**X:@Kacyirusector / E-mail:kacyirusector@yahoo.com**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Gasabo

**UMURENGE WA KIMIHIRURA**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO YA LETA**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kimihurura buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2026-2027 ku buryo bukurikira :

| Nº | Nomero y'isoko | Izina ry'Isoko | Igihe ntarengwa cyo gutanga dosiye. | Igihe cyo gufungura amabaruwa. | Aho igikorwa cyo gufungura amabaruwa kizabera |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | TN/001/KMHR/2026-2027 | **Building maintenance services of kimihurura sector infrastures** | 25/08/2026 Saa yine za mugitondo (10h:00) | 25/08/2026 Saa yine n'igice za mugitondo (10h:30) | Muri salle ntoya y'Umurenge wa Kimihurura |
| 2 | TN/002/KMHR/2026-2027 | **Providing essential supplies to vulnerable people in Kimihurura Sector** | 25/08/2026 Saa yine za mugitondo (10h:00) | 25/08/2026 Saa yine n'igice za mugitondo (10h:30) | Muri salle ntoya y'Umurenge wa Kimihurura |

Abifuza gupiganira aya masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera tariki ya 05 Kanama 2026 mu biro by'umunyamabanga w'akanama k'amasoko mu murenge wa Kimihurura, bamaze kumenyekanisha no kwishyura amafaranga ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda (10.**000 frw**) kuri konti y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'amahoro (RRA).

Bikorewe Kimihurura kuwa 05/08/2026

**UWERA Claudine**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kimihurura

*Umurenge wa Kimihurura, Email Address: kimihururasector@gasabo.gov.rw*

## ITANGAZO RY'ISOKO

NYANZA TECHNICAL SECONDARY SCHOOL
Building the future

**NYANZA TECHNICAL SECONDARY SCHOOL**
**Southern Province**
**Nyanza District**
**Kigoma Sector**
**P.O. Box: 60 RUHANGO**
**Phone: 0788309436**
**Email: etogitarama@gmail**
**Website:www.nyanzatss.ac.rw**

**AVIS D'APPEL D'OFFRES (AAO) /INVITATION AUX SOUMISSIONNEURS (IAS), FOURNITURE DE DENRÉES ALIMENTAIRES, MATÉRIELS D'HYGIÈNE, MATÉRIELS DE BUREAU, EQUIPEMENTS, MATERIELS ET MATERIAUX POUR REHABILITATION DE L'ECOLE**

Titre du marché : **01/NTS/NOCB/2026/2027, fourniture de denrées alimentaires, matériels d'hygiène, matériels de bureau ; équipements, matériels et matériaux pour réhabilitation de l'école pour premier trimestre 2026/2027**
Appel d'Offres no : **01/NTS/NOCB/2026/2027**

Nyanza Technical Secondary School (former ETO Gitarama) est situé dans le Secteur Kigoma, District de Nyanza, Province du Sud. Il invite les entreprises compétentes et expérimentées à présenter leurs offres pour **fourniture de denrées alimentaires, matériels d'hygiène, matériels de bureau ; équipements, matériels et matériaux pour réhabilitation de l'école pour premier trimestre 2026/2027**

1. Pour lequel cet Avis d'Appel d'Offres est publié. Nyanza Technical Secondary School (Nyanza TSS) sollicite des offres de la part des soumissionnaires éligibles et répondant aux qualifications requises pour fournir denrée alimentaire et d'autres matériels (Cfr DAO).
2. Les Dossiers d'Appel d'Offres rédigés en français peuvent être obtenus au secrétariat central de NyanzaTSS sur présentation d'un bordereau de paiement d'un montant non remboursable de dix mille francs rwandais (10.000 frs versé sur le compte N0 100000858778 ouvert à la Banque de Kigali.
3. Les Dossiers d'Appel d'Offres peuvent être obtenus pendant les jours ouvrables au secrétariat depuis 05/08/2026 au 25/08/2026, pendant les heures de travail.
4. Toute demande d'information relative au présent appel d'offres doit être adressée à la direction de Nyanza TSS ou téléphone le numéro 0788309436.
5. Les offres doivent ou comprennent :

- **Lot 1: Les aliments `à conserver**
- **Lot 2: Matériels d'hygiène**
- **Lot 3: Matériels des bureaux**
- **Lot 4 : Matériels, matériaux et équipements pour réhabilitation de l'école**
- ➢ **Lot 1 jusqu' au lot 4 le soumissionnaire ne doit pas présenter une garantie de soumission**

6. Les offres bien dactylographiées, doivent être remises sous prix scellés et présentés en quatre copies dont un original à la direction de Nyanza TSS à l'adresse mentionnée ci-dessus au plus tard le 25/08/2026 à 11h00. Les offres remises en retard seront rejetées.
7. L'ouverture des offres aura lieu en présence des soumissionnaires ou de leurs représentants souhaitant y assister dans la salle polyvalente de Nyanza TSS le 25/08/2026 à 11h30.
8. Le titre du marché doit être clairement mentionné sur l'enveloppe extérieure.
L'appel d'offres sera régi par Journal Officiel n° Spécial du 22/11/2022/ loi n° 031/2022 du 21/11/2022 portant réglementation des marchés publics ainsi que Journal Officiel n° Spécial du 10/10/2023

Fait à Kigoma le 04/08/2026

**Ir. NGABONZIZA Germain**
**Directeur de NyanzaTSS**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA

KIGALI CITY
NYARUGENGE DISTRICT
MAGERAGERE SECTOR
MUHIMA HEALTH CENTER
Email:muhimasante@yahoo.r
TEL: + 0250788886577

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO**

Ikigo Nderabuzima cya Muhima giherereye mu Murenge wa Muhima , Akarere ka Nyarugenge Umujyi wa Kigali; kirahamagarira ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi gupiganira amasoko y'Ikigo Nderabuzima akurikira:

1.Isoko ryo gukora isuku n'isukura mu Kigo Nderabuzima cya Muhima no kuri Poste de Sante ya Kimisagara
2.Isoko ryo kubaka no gusana inyubako z'ikigo Nderabuzima
3.Isoko ryo gukora moto z'ikigo Nderabuzima
4.Isoko ryo Gucunga umutekano w'ikigo Nderabuzima
5.Isoko ryo kugura no kugemura ibikoresho byo kwa Muganga
6.Isoko ryo Gusana inzira za murandasi mu nyubako z'ikigo Nderabuzima
7.Isoko ryo kugura no kugemura utubati intebe n'ameza

Igikorwa cyo Gusura ahazakorerwa imirimo giteganyijwe ku itariki ya 11/08/ 2026 saa tatu(9hoo') za mu gitondo.

Ikigo Nderabuzima kikaba kimenyesha ababyifuza ko ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu bunyamabanga bw'Ikigo Nderabuzima,nyuma kwerekana urupapuro rwishyuriweho amafaranga adasubizwa ibihumbi icumi **(10 000 Frw)** kuri Compte **No 20011121001 ibarizwa muri I&M Bank yitwa Comite de Gestion/ Centre de Sante Muhima.**

Amabahasha afunze arimo inyandiko imwe y'umwimerere na kopi eshatu bizatangwa mu bunyamabanga bw'Ikigo Nderabuzima ku itariki ya 26/08 / 2026 saa tatu zuzuye (09h00) Gufungura amabahasha ni kuri iyo tariki saa ine zuzuye (10h00) ku Kigo Nderabuzima cya Muhima.

Bikorewe i Kigali, kuwa 03/ 08/ 2026

**NIYONGERE Janvier**

Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Muhima

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Kicukiro
Umurenge wa Nyarugunga

**ITANGAZO RY'AMASOKO**

Umurenge wa Nyarugunga uratumira ba Rwiyemezamirimo na companies yujuje ibyangombwa n'abandi babyifuza kandi babishoboye kuza gupiganira amasoko akurikira:

| NO | Izina ry ' isoko | Nimero y'isoko | Agaciro k'inyandiko y'ipiganwa | Itariki yo fungura inyandiko |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Supply of computer and other electronic divices Networked, antivirus and maintenance of IT equipement | NYARUGUNGASECTOR S001/2026-2027 | 10,000 Frw | 24/08/2026 |
| 2 | Isoko ryo kwiyakira no kwakira abashyitsi | NYARUGUNGASECTOR S002/2026-2027 | 10,000Frw | 24/08/2026 |
| 3 | Isoko ry'ibikoresho byo mu biro (office stationaries) | NYARUGUNGASECTOR G001/2026-2027 | 10,000Frw | 24/08/2026 |
| 4 | Isoko ryo gutaka ahabera ibirori na Sonolisation | NYARUGUNGASECTOR S003/2026-2027 | 10,000Frw | 24/08/2026 |
| 5 | Isoko ryo kugemura ryo gutanga umuriro w'amashanyarazi (Electricity) | NYARUGUNGASECTOR S004/2026-2027 | 10,000Frw | 24/08/2026 |
| 6 | Isoko rya Maintenance no kugemura ibikoresho byo gusana inyubako y'Umurenge n'Utugari | NYARUGUNGASECTOR S005/2026-2027 | 10,000Frw | 24/08/2026 |
| 7 | Isoko ryo koza imodoka y'Umurenge | NYARUGUNGASECTOR S006/2026-2027 | 10,000Frw | 24/08/2026 |
| 8. | Supply hygienic materials and equipement | NYARUGUNGASECTORS007/2026-2027 | 10,000Frw | 24/08/2026 |

**1.** Inyandiko z'amabwiriza y'ipiganwa zizaboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Nyarugunga guhera tariki ya 07/08/2026 mu minsi yose y'akazi, nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi y'amanyarwanda (10,000 Frw ku isoko rimwe) kuri konti ya **RRA.**
**2.** Kwakira inyandiko z'abapiganwa bizakorwa kuwa 24/08/2026 guhera saa tatu za mu gitondo (9h00') kugeza saa Yine zuzuye (10h00) mu bunyamabanga bw'umurenge wa Nyarugunga, gufungura amabaruwa kumugaragaro bizakorwa saa yine n'igice 10h30.

Bikorewe i Nyarugunga, ku wa 03/08/2026

**INGABIRE Olive**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyarugunga**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Spirit of Peace and Solidarity
+250 786 908 562
info@spsolidarity.org
www.spsolidarity.org
SPIRIT OF PEACE AND SOLIDARITY
We serve community before self
Reg:842/RGB/NGO/LP/08/2022

# INVITATION FOR TENDER

Spirit of Peace and Solidarity (SPS), a refugee-led organization established in 2019 and legally registered in Rwanda under Registration and Legal Personality No. 842/RGB/NGO/LP/08/2022, with support from UNHCR, invites eligible and qualified suppliers to submit bids for the Supply of Sewing Machines and Training Materials for Reusable Sanitary Pad Production under its Women and Girls' Empowerment Project.

SPS promotes peace, solidarity, and sustainable development by empowering refugees and vulnerable host community members through economic empowerment, vocational skills development, entrepreneurship, and social inclusion. As part of this initiative, SPS seeks to procure sewing machines and related training equipment to establish a practical vocational training center for female refugees and women from the host community.

Interested bidders may request the Bidding Documents (DAO) by sending an email to info@spsolidarity.org between 05 August 2026 and 13 August 2026 during official working hours. The bidding documents will be issued upon payment of a non-refundable fee of Ten Thousand Rwandan Francs (RWF 10,000), payable to the following account:

**Account Name**: Spirit of Peace and Solidarity (SPS)
**Bank:** ECOBANK Rwanda
**Account Number:** 6799201113

Completed bids must be submitted electronically to info@spsolidarity.org no later than 13 August 2026 at 5:30 PM (17:30 Kigali Time). Late submissions will not be accepted.

For further information or clarification, please contact:

Spirit of Peace and Solidarity (SPS)
Telephone: +250 786 908 562
Email: info@spsolidarity.org

Done at Kigali, on 04 August 2026

**NIYONIZIGIYE Melance**
**Country Director**
**Spirit of Peace and Solidarity (SPS)**

## ITANGAZO RY'ISOKO

UR - HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

**AMENDMENT Nº 1 TO THE TENDER NOTICE**

**Title: Tender for supply of a dental chair on behalf of UR-HG LTD**
**Client: UR-HG LTD**
**Source of funds: Generated Revenues**

UR-HG LTD would like to inform all interested bidders to the tender N0 08/G/2026/NCB/ UR-HG LTD for supply of a dental chair on behalf of UR-HG LTD advertised in Imvaho Nshya of 25/07/2026 that an amendment No.1 to the tender has been issued.

The amendment aims:
1.To communicate the changes in technical specifications of the required dental chair;
2.To extend the deadline of bids submission from 5/08/2026 up to **11/08/2026 at 12:00PM.**
The amendment with new technical specifications are available and obtained from UR-HG LTD / Procurement office during working hours.

Done at Kigali, on 04/08/2026

**MUGESERA Narcisse**
**Chief Executive Officer**
**UR-Holdings Group Ltd**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**AKARERE KA RUSIZI**

**COLLEGE LA LUMIERE DE GASHONGA**

**TEL :0788571375**

**ITANGAZO RY'AMASOKO No 01/26/TEND/College la Lumiere de Gashonga TSS**

Ishuri ry'imyuga rya **College la Lumiere de Gashonga** TSS riherereye mu karere ka RUSIZI, Umurenge wa Rwimbogo , akagari ka Rubugu ririfuza gutanga amasoko akurikira:

Lot 1.Isoko ryo Kugemura Ibiribwa byo kugaburira abanyeshuri.

Lot 2.Isoko ryo kugemura ibikoresho by'isuku n'ibyo mu gikoni.

Lot 3.Isoko ryo kugemura ibikoresho byo mu biro n'ibyo kwigishirizaho.

Lot 4.Isoko ryo kugemura ibikoresho bya siporo, umuco n'imyidagaduro.

uwifuza gupiganira rimwe muri aya masoko, asabwa ibi bikurikira:

1. Inyandiko isaba gupiganira isoko yandikiwe umuyobozi w'Akanama gashinzwe gutanga amasoko muri College la Lumiere de Gashonga TSS
2. Ibyemezo bigaragaza ko akora amasoko arebana n'ibiri mu isoko /RDB CERTIFICATE
3. Photocopie y'irangamuntu.
4. Icyangombwa kigaragaza ko nta mwenda upiganwa afitiye ikigo cy'igihugu cy'imisoro n'amahoro.
5. Icyemezo kigaragaza ahandi hantu yaba yarakoze isoko nk'iryo agiye gupiganira
6. Igitabo cy'amabwiriza kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri nyuma yokwerekana inyemeza bwishyu y' amafaranga ibihumbi bitanu (5,000FRW) kuri buri soko, yishyuwe Kuri konti numero 155017 yafunguwe muri banki UMWALIMU SACCO(COLLEGE LA LUMIERE DE GASHONGA .
7. Ibi byangombwa byose bifungirwa mu ibahasha imwe ikagezwa mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze tariki ya 28/08/2026 saa yine za mu gitondo.Gufungura amabaruwa bizakorerwa mu ruhame tarikiya 28/08/2026 saa yine n'igice n'igice za mu gitondo ku biro by'ishuri..
8. Uwatsindiye isoko, mu gihe yishyurwa akurwaho 3% na18% ya TVA ajya mu isanduku ya Leta

Bikorewe Rwimbogo, kuwa 04/08/2026.

**NAMBAJIMANA Pie**
**Umuyobozi w'Ishurirya College la Lumiere de Gashonga TSS**

for

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA NYAMAGABE**
**TTC MATER DEI MBUGA**
**E-mail:enpttcmbuga@yahoo.fr**
**Tel: 0788641396**

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Ubuyobozi bw'ishuri rya TTC Mater Dei Mbuga bufatanije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri buramenyesha ba rwiyemezamirimo bujuje ibyangombwa kandi babifitiye ubushobozi ko hari isoko ry'ibizakenerwa mu gihembwe cya mbere, umwaka w'amashuri wa 2026/2027. Ibizakenerwa bikubiye muri lots enye(4) ari zo:

1. **Isoko ry'ibiribwa biramba**
2. **Isoko ry'ibiribwa bitaramba**
3. **Isoko ry'ibikoresho byo mu biro ,imyigishirize,isuku ,imyidagaduro n'ibikoresho byo mu gikoni**
4. **Isoko ry'ibikoresho by'ubwubatsi,amashanyarazi n'amazi**

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa biboneka mu bunyamabanga bw'Ishuri mu masaha y'akazi nyuma yo kwishyura amafaranga adasubizwa Ibihumbi icumi y'u Rwanda(10000Frw) kuri buri lot,akishyurwa kuri compte n° 91787 ya MBUGA TTC iri mu Umwalimu Sacco.Inyandiko z'ipiganwa zizagezwa mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze taliki ya 03/09/2026 isaa tatu za mugitondo (09h00),zifungurwe mu ruhame uwo munsi taliki ya 03/09/2026 bikorerwe mu cyumba mbera byombi cy'ishuri i saa yine (10h00) z'amanywa.

Bikorewe TTC Mater Dei Mbuga,ku wa 04/08/2026
MURWANASHYAKA Philippe
Umuyobozi w'ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

**GROUPE SCOLAIRE NOTRE DAME DE LA PAIX CYANIKA**
**SOURTHERN PROVINCE, NYAMAGABE DISTRICT, CYANIKA SECTOR,**
**P.O BOX .18 GIKONGORO, Tel:0788611099,**
Website:www.gsndp.com E-mail: gsndpcyanika2010@yahoo.fr

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO NO 001/2026-2027**

Ubuyobozi bwa Groupe Scolaire Notre Dame de la Paix Cyanika, buramenyesha ba Rwiyemezamirimo bashaka gupiganira isoko kandi babishoboye ko bushaka gutanga isoko ry'ibiribwa, ibikoresho byo mu biro n'isuku. Ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga iri soko n'ibirikubiyemo muzabisanga mu bunyamabanga bw'ishuri mu masaha y'akazi. Igitabo gihabwa uwishyuye 5000Frw kuri konti no 4029200088710 ya Groupe Scolaire Notre Dame de la Paix Cyanika iri muri EQUITY BANK, yitwa Diocese Gikongoro/GSNDP CYANIKA.
Amabaruwa y'abapiganwe azarangiza kwakirwa bitarenze saa tatu n'igice (9h30), tariki ya 02 /9/2026,afungurwe saa yine za mu gitondo z'uwo munsi ku cyicaro cy''ishuri mu CYANIKA.
Bikorewe mu cyanika,kuwa 28/7/2026

Padiri NSHIMIYIMANA Jean Claude
Umuyobozi wa GSNDP CYANIKA

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

AKARERE KA NGORORERO
UMURENGE WA KABAYA
TEL: (+250)788860416

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Umurenge wa Kabaya uramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko ushaka gutanga isoko ryo kugemura sima n'ibindi bikoresho byo muri kenkayeri bizifashishwa mu gusana ibyumba by'amashuri kuri GS Kageshi. Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga iri soko (DAO) kiboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa kabaya ,kigurwa amafaranga ibihumbi bibiri (2,000Frws) adasubizwa, yishyurwa kuri konti No 00040-00636221-31 iri muri BK ya RWANDA REVENUE AUTHORITY. Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri Telefone 0788860416 y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kabaya. Uwifuza gupiganira iri soko agomba kuba yiteguye kwishyura imisoro ya Leta igenwa n'amategeko kandi atanga fagitire ya EBM. Abifuza gukora imirimo yavuzwe haruguru barasabwa kugeza amabaruwa afunze neza agaragaza ibiciro byabo mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Kabaya bitarenze tariki ya 13/08/2026 saa tanu za mugitondo (11:00) . Amabaruwa azafungurwa uwo munsi saa sita z'amanywa (12:00).
Bikorewe Kabaya kuwa 04/08/2026

NIYIHABA Thomas
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kabaya**

## ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO RY'ISOKO.

Ubuyobozi bw'ishuri rya MUTENDELI TSS riherereye mu karere ka Ngoma, mu Murenge wa Mutendeli bufatanije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko bwishimiye gutumira Amakoperative na ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi gupiganira amasoko atandukanye y'igihembwe cya mbere 2026-2027: Muri ayo masoko harimo isoko ryo kugemura ibiribwa; kugemura inkwi, kugemura ibikoresho by'isuku no ku meza; kugemura ibikoresho byo mu biro, kugemura ibikoresho by'imfashanyigisho (Consummables) ndetse n'isoko ryo kudoda impuzankano z'Abanyeshuri n'Abarimu. Abifuza gupiganira ayo masoko barasabwa kuza gufata ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri guhera tariki ya 6/08/2026 bamaze kwerekana bordereau yishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi (10,000Rwf) kuri Konti nimero 568314770211 iri muri Banque Populaire y'ishuri ryisumbuye rya Mutendeli TSS. Umunsi wa nyuma wo kwakira amabaruwa ni kuwa 25/08/2026 saa yine n'igice (10:30'); gufungura amabaruwa ni kuri uwo munsi saa tanu (11:00') za mu gitondo.

Bikorewe i Mutendeli kuwa 5/08/2026

MWAMBUTSA Benjamin

Umuyobozi wa Mutendeli TSS

## ITANGAZO RY'ISOKO

**THE REPUBLIC OF RWANDA**
**MINISTRY OF EDUCATION**
**EASTERN PROVINCE**
**NGOMA DISTRICT**
**ZAZA SECTOR**
**TTC ZAZA**
**E-mail: newttczaza@gmail.com/Phone:0790645500**

T.T.C ZAZA

Tariki 05/08/2026

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Ubuyobozi bw'ishuri rya TTC ZAZA bufatanyije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko buramenyesha ba Rwiyemezamirimo ko bifuza gutanga amasoko y'ibiribwa bizifashishwa mugihembwe cya mbere 2026-2027

1. Isoko ryo kugemura Umuceri
2. Isoko ryo kugemura Akawunga
3. Isoko ryo kugemura Ibshyimbo
4. Isoko ryo kugemura Ibitoki n'imyumbati
5. Isoko ryo kugemura amavuta, isukari, umunyu, inyama,ibirungo n'ibindi

Abifuza gupiganira ayo masoko barasabwa kugeza amabaruwa asaba isoko m'Ubunyamabanga bw'ishuri tariki 25/08/2026 saa yine za mugitondo (10h00), amabaruwa afungurwe muruhame uwo munsi saa y'ine n'igice (10h30'). Buri gitabo cy'ipiganwa cyishyurwa ibihumbi icumi (10,000) kuri konti nomero 4034200040193 ya TTC ZAZA iri muri EQUITY Bank cyangwa 568310866311 ya TTC ZAZA iri muri BPR.

Umuyobozi wa TTC ZAZA

**Padiri Jean Paul NSHIMIYIMANA**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUREZI**

**AKARERE KA RWAMGANA**

**UMURENGE WA GISHARI**

**G.S GISHARI**

**TELEPHONE/CONTACT: (+250)788328576**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO**

Ubuyobozi bw' ishuri **Groupe Scolaire Gishari** riherereye mu karere ka Rwamagana, umurenge wa Gishari, baramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza ko bashaka gutanga isoko ryo kugemura ibiribwa birimo: imboga, umunyu, isukari, inkwi n' ibikoresho byo mu gikoni binyuranye.

Igitabo gikubiyemo amabwiriza y' ipiganwa ry' isoko kishyurwa 5000 Frw kuri Konti No. **90-00073338-00** y' ishuri iri mu Umwalimu SACCO, kiboneka mu bunyamabanga bw' ishuri mu masaha y' akazi.

Upiganira isoko agomba kuba atanga facture ya EBM, kuba afite icyangombwa cy' iyandikwa ry' ubucuruzi (RDB Certificate), kuba yiteguye gutanga ibiciro bikubiyemo umusoro wa 18% (TVA) na 3%.

Uwifuza gupiganira iryo soko asabwa kugeza dossier ye ifunze neza (kopi 2 z' umwimerere) mu bunyamabanga bw' ishuri, bitarenze itariki 04 Nzeri 2026 saa yine (10h00') za mugitondo.

Amabaruwa azafungurwa mu ruhame uwo munsi saa yine n' igice (10h30') za mugitondo kuri iryo shuri.

Bikorewe I Gishari, ku wa 04/08/2026

**KARANGWA Olivier**

Umuyobozi wa G.S Gishari

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ISOKO RYO KUGEMURA IBYO KURYA BY'ABANYESHURI**

Ubuyobozi bw'ishuri rya Ecole Secondaire de Kabirizi burahamagarira ba Rwiyemezamirimo, amakoperative n'abacuruzi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira isoko ry'ibiribwa by'abanyeshuri igihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri 2026-2027.

Igitabo cyipiganwa gikubiyemo ibisabwa kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri guhera taliki ya **05/08/2026** ukagihabwa umaze kugaragaza inyemeza bwishyu y'amafaranga'ibihumbi cumi (**10,000Fr**) yokugura igitabo cy'ipiganwa. Amafaranga yishyurwa kuri konti **9 000 177872 00** ya School fees Ecole Secondaire Kabirizi iri muri Koperative Umwalimu SACCO.

Umunsi wanyuma wo kwakira ibitabo by'ipiganwa ni ku italiki **03/09/2026 saa tatu n'igice (9h30)**. Ibitabo by'ipiganwa bizafungurwa mu ruhame uwo munsi saa ine (10h00) zuzuye.

Bikorewe Karembo kuwa 02/08/2026

NSENGIYUMVA Emmanuel

Umuyobozi w'ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
MINEDUC
SOUTHERN PROVINCE, NYAMAGABE DISTRICT, KADUHA SECTOR
**GROUPE SCOLAIRE SAINT JEAN BOSCO KADUHA**
**(G.S.KADUHA)**
B.P 14 GIKONGORO
E-mail: gssjboscokaduha@yahoo.fr
Tel.: 0789405275
Bank Account number: 131-1050346-60 COGEBANQUE or 481334199411/ BPR

**ITANGAZO RY'AMASOKO APIGANIRWA MURI GS SAINT JEAN BOSCO KADUHA**

Ubuyobozi bwa Groupe Scolaire KADUHA bufatanyije n'Akanama gashinzwe gutanga amasoko buramenyesha ba rwiyemezamirimo babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko hari amasoko anyuranye apiganirwa yo kugemura ibiribwa n'ibikoresho binyuranye bizakoreshwa mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri wa 2026-2027 muri Groupe Scolaire Saint Jean Bosco Kaduha.

Dore urutonde rw'amasoko apiganirwa:

**Isoko rya mbere rigizwe n'ibiribwa bikurikira: ibishyimbo n'amasaka y'igikoma.**
**Isoko rya kabiri rigizwe n'ibiribwa bikurikira: Kawunga, Isukari, Amavuta y'ubuto n'Umunyu.**
**Isoko rya gatatu rigizwe n'ibikoresho binyuranye bizakenerwa mu buzima bw'ishuri mu gihembwe cya mbere 2026-2027.**

Abifuza gupiganira isoko bahisemo, bahabwa igitabo gikubiyemo amabwiriza arambuye ajyanye naryo mu bunyamabanga bw'Ishuri mu masaha y'akazi guhera taliki ya 13/08/2026, bamaze kwerekana Bordereau bishyuriyeho amafaranga ibihumbi icumi (10,000 Frw) kuri buri soko adasubizwa, kuri konti z'Ishuri zikurikira: Konti No: 4029200088723 iri muri EQUITY Bank; No: 482334199410145 iri muri Banki y'Abaturage y'u Rwanda cyangwa No: 91784 iri mu Mwalimu Sacco.

Amabahasha akubiyemo ibisabwa byose afunze neza kandi yanditseho inyuma isoko apiganira agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'Ishuri bitarenze taliki ya 31/08/2026 Saa tanu (11h00). Afungurwe mu ruhame kuri uwo munsi saa tanu n'igice (11h30') mu cyumba cy'Ishuri.

Abagize Akanama gatanga amasoko bafite uburenganzira bwo kudatanga Isoko mu gihe basanze hatanzwe ibiciro biri hejuru cyane cyangwa hasi cyane y'ibiciro biri ku isoko.

Bikorewe i Kaduha ku wa 31/07/2026

**Padiri Jean Damascene MUKESHIMANA**
Umuyobozi wa Groupe Scolaire Saint Jean Bosco Kaduha

## ITANGAZO RY'ISOKO

***REPUBLIQUE DU RWANDA***

**PROVINCE DE L'OUEST**
**DISTRICT DE NYAMASHEKE**
**ECOLE SECONDAIRE SAINT FRANCOIS SHANGI**
**Email : essf82shangi@gmail.com**
**TEL : 0783113373**

**ITANGAZO RIHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO GUPIGANIRA AMASOKO**

Ubuyobozi bw'Ishuri ryisumbuye rya Mutagatifu Francois rya Shangi (**ESSF SHANGI**) riherereye mu karere ka Nyamasheke buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga amasoko akurikira:

1. **Isoko No 01/ESSF SHANGI/2026 ryo kugura no kugemura ibikoresho byo mu biro n'iby'isuku mu mwaka wa 2026-2027**
2. **Isoko No 02/ESSF SHANGI/2026 ryo kugura no kugemura ibishyimbo byo kugaburira abanyeshuri mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri 2026-2027**
3. **Isoko No 03/ESSF SHANGI/2026 ryo kugura no kugemura ibijumba byo kugaburira abanyeshuri mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri 2026-2027**
4. **Isoko No 04/ESSF SHANGI/2026 ryo kugura no kugemura soya amasaka ifarini n'umunyu byo kugaburira abanyeshuri mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri 2026-2027**

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu biro by'ubunyamabanga bw'Ishuri rya ESSF SHANGI mu minsi yose y'akazi kuva 9h00 kugeza 17h00, uhereye kuwa 06/08/2026. Igitabo gihabwa umaze kwishyura amafaranga 10000Fr (ibihumbi icumi) adasubizwa kuri konti **No 496287443011 y'ishuri rya ESSF Shangi iri muri banki y'abaturage (BPR)'**

Ibitabo by'ipiganwa (soumissions) byanditswe neza mu bitabo bine (4), bifunze neza mu ibahasha yanditseho inyuma "**ESSF-SHANGI, INYITO Y'ISOKO RIPIGANIRWA**", kimwe ari umwimerere na kopi eshatu (3), Bigomba kuba byageze ku biro by'ubunyamabanga bwa ESSF SHANGI bitarenze tariki ya **17/8/2026** saa tatu n'igice **(09h30)**. Inyandiko zizaza nyuma y'iyi saha ntizizakirwa. Gufungura amabahasha mu ruhame ni kuri uwo munsi saa yine (10 h 00) mu cyumba cy'inama cya ESSF SHANGI.

**Icyitonderwa**: Rwiyemezamirimo yemerewe gupigarwa ku masoko yose ashaka ariko ntawemerewe gutsindira amasoko arenze abiri mu yapiganiwe

**Bikorewe i Shangi, kuwa 01/08/2026**

***Sœur NAGIRUWISHEMA Lucie***

Umuyobozi w'ishuri rya **ESSF SHANGI**

2

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

### ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-146472 CYO KUWA 12/06/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UBUTAKA BURI MU KIBANZA GIFITE UPI: 2/07/12/03/60, GIFITE UBUSO BUNGANA NA 657 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 8.540.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA GASHARU, AKAGARI KA MUBUGA, UMURENGE WA SHYOGWE, AKARERE KA MUHANGA MU NTARA YAMAJYEPFO.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 05/08/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 12/08/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA BAKABANZA KWISHYURA KANDI 427.000FRW YINGWATE YIPIGANWA KURI KONTI YA MINIJUST IRI MURI BK. IYA KONTI BAZAHABWA NA SYSTEM MUGIHE CYIPIGANWA. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 100250096687 IRI MURI BKA MU MAZINA Y'URUGAGA RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA.

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI, NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE GUCUNGA INGWATE
Tel:0788686978

## ITANGAZO RY'ISOKO

AKARERE KA NYAMAGABE
GROUPE SCOLAIRE KIGEME-A-
E.mail: gskigeme2@yahoo.com
Tel: 0788600587

### ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bwa Groupe Scolaire Kigeme-A- bufatanyije n'Akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi ko ryifuza gutanga amasoko **y'ibiribwa** bizatunga abanyeshuri mu gihembwe cya mbere 2026-2027. Abifuza gupiganira ayo masoko bagomba kuba bafite:

- Ibyangombwa by'ubucuruzi.
- EBM n'ibindi.

Ibitabo bikubiyemo ibyangombwa byose bisabwa n'amabwiriza agenewe ayo masoko biboneka ku ishuri rya GS Kigeme-A- mu minsi y'akazi hamaze kwishyurwa **amafaranga ibihumbi icumi (10,000 RWF)** adasubizwa kuri Konti y'ishuri **No: 4029200090909 iri muri EQUITY Bank** cyangwa kuri konti **No: 481-138267610-177 iri muri bpr BANK**. Abifuza gupiganira ayo masoko bagomba kuba bagejeje amabahasha afunze arimo ibiciro muri GS Kigeme-A- bitarenze tariki ya 01/09/2026 saa tatu (9h00) za mu gitondo. Gufungura amabahasha ni kuri iyo tariki saa tatu n'igice (9h30) za mu gitondo mu cyumba cy'iryo shuri.

Bikorewe ku Kigeme, kuwa 03/08/2026

**HARERIMANA Emmanuel**
Umuyobozi w'Ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

ES MUDASOMWA

TEL : 0788833651

Email: esmudasomwa@gmail.com

### ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bwa ES Mudasomwa, bufatanyije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri, buramenyesha ba rwiyemezamirimo babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga isoko ry'ibiribwa bibikika igihe kirekire (lot ya 1), isoko ry'ibiribwa bibikika igihe kigufi n'inkwi ( lot ya 2), isoko ry'ibikoresho mfashanyigisho,ibyo mu biro,ibya siporo n'iby'isuku (lot ya 3), isoko ry'ibikoresho by'ubwubatsi, amazi n'amashanyarazi (lot ya 4).

Abifuza gupiganira aya masoko bashobora kubona igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganywa mu biro by'umunyamabanga bw'ishuri rya ES MUDASOMWA riherereye mu karere ka Nyamagabe mu murenge wa Tare, guhera kuwa 04/08/2026 mu masaha y'akazi, nyuma yo kwishyura amafaranga 10,000frw kuri konte y'ikigo nomero 484333321510165 iri muri BPR yo kugura igitabo cy'ipiganywa adasubizwa kuri buri lot.

Amabahasha afunze neza arimo ibiciro n'ibindi byangombwa agomba kuba yagejejwe mu biro by'ubunyamabanga bw'ishuri bitarenze itariki ya 14/08/2026 saa yine za mu gitondo. Gufungura amabahasha ni kuri iyo tariki saa yine n'igice za mu gitondo mu cyumba cy'iryo shuri.

Bikorewe i Mudasomwa ku wa 03/08/2026

ABIRAGIYE Françoise

Umuyobozi wa ES MUDASOMWA

## ITANGAZO RY'ISOKO

**AKARERE KA KAMONYI**
**UMURENGE WA MUSAMBIRA**
**ES MUSAMBIRA TSS**
**TEL: 0789208026/ 0788800457**
**E-mail:** esmusambira.esm@gmail.com

### ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya Musambira (**ES MUSAMBIRA TSS**), rikorera mu murenge wa MUSAMBIRA, mu Karere ka Kamonyi, mu ntara y'Amajyepfo, buramenyesha ba Rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, ko bushaka gutanga amasoko yo kugura no kugemura ibikoresho bishira byo kwigishirizaho abanyeshuri biga mu mashami y'imyuga n'ubumenyingiro muri icyo kigo.

Ayo masoko ari mu buryo bukurikira:

Lot ya 1: Kugura no kugemura ibikoresho bishira byo mu ishami ry'ubwubatsi(Building Construction).

Lot ya 2:Kugura no kugemura ibikoresho bishira byo mu ishami ryo gutunganya ibiribwa n'ibinyobwa ( Food and Beverage Operation).

Abifuza gupiganirwa ayo masoko,bashobora kubona igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga bw'iryo shuri, kuva tariki ya **14/08/2026**,kugeza 28/08/2026 mu minsi n'amasaha y'akazi, nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (10.000 Frws) adasubizwa kuri konti **Nº: 71268 ya ES MUSAMBIRA iri muri Koperative Umwalimu SACCO.**

Amabaruwa akubiyemo ibiciro agomba kugezwa mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze taliki ya **31/08/2026** saa tanu za mu gitondo (11h00). Naho gufungura amabaruwa bizakorwa mu ruhame uwo munsi saa tanu n'igice (11h30) mu cyumba mberabyombi cy'ishuri rya ES Musambira TSS.

Ku bindi bisobanuro mwabariza kuri nimero ya telefoni: 0789208026/0788800457

**Bikorewe i Musambira tariki ya 08/08/2026**

**USABIMANA Bonaventure**

**Umuyobozi wa ES MUSAMBIRA TSS**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIC OF RWANDA**
**MINEDUC**
**NGOMA DISTRICT**
**KIGARAMA Technical Secondary School**
***Tel.(WhatsApp): +250788353867***
**Email:** kigaramatvetschool@gmail.com

### ITANGAZO RY'ISOKO

ISHURI RYA KIGARAMA TSS RIHEREREYE MU MURENGE WA RURENGE, AKARERE KA NGOMA RIRAHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO BABYIFUZA KANDI BABISHOBOYE GUPIGANIRA ISOKO Nº KGRM Nº 01/2026-27 RYO **KUGEMURA IBIRIBWA** (KAWUNGA, UMUCERI, IBISHYIMBO, IFU Y'IGIKOMA, AMAVUTA, UMUNYU N'ISUKALI) BIZAKENERWA MU GIHEMBWE CYA 1 CY'UMWAKA W'AMASHURI 2026-2027;

ABIFUZA GUPIGANIRA IRI SOKO BARASABWA GUSABA IGITABO GIKUBIYEMO AMABWIRIZA Y'IPIGANWA BANYUZE KURI EMAIL Y'IKIGO: kigaramatvetschool@gmail.com cg MU BUNYAMABANGA BW'ISHURI BAMAZE KWEREKANA AHO BISHYURIYE AMAFARANGA ADASUBIZWA ANGANA N'IBIHUMBI ICUMU (**10,000 FRW**) KURI COMPTE **4413518306 IRI MURI BPR** YA KIGARAMA TSS IRI MU MAZINA YA **ES KIGARAMA**.

DOSIYE ZIFUNZE NEZA ZIZAGEZWA MU BUNYAMABANGA BW'ISHURI BITARENZE TARIKI YA **27/08/2026 SAA YINE (10:00AM),** DOSIYE ZIKAZAFUNGURWA MURUHAME KURI UWO MUNSI SAA YINE N'IGICE (10:30AM)

TELEFONE WASABAHO IBINDI BISOBANURO: 0788353867/0788642283

BIKOREWE I KIGARAMA TSS, KUWA 06/08/2026

**NKUNZABAGABO ANICET**

UMUYOBOZI WA KIGARAMA TSS

Soma Imvaho Nshya

www.imvahonshya.co.rw

MUTETERAZINA Shifah

# Korali Amahoro ya ADEPR yakoze indirimbo yise 'Ntiyarekeye gukora' ihumuriza abihebye

***Korali Amahoro ikorera umurimo w'ivugabutumwa mu Itorero rya ADEPR Kinamba-Kimihurura, yakoze indirimbo nshya yise 'Ntiyarekeye gukora' ihumuriza abatereye Imana icyizere. Ni indirimbo imwe mu zigize Alubumu yabo bise 'Isooko y'Urukundo' iriho indirimbo 8, kugeza ubu bakaba bamaze gushyira hanze eshatu muri zo, harimo na 'Ntiyarekeye gukora'.***



Korali Amahoro yahumurije abihebye ibibutsa ko Imana igikora

Mu kiganiro kihariye Imvaho Nshya yagiranye n'Umuyobozi w'iyo Korali Narwaka Angelique yayitangarije ko iyo ndirimbo igamije gukangurira abantu kugarurira Imana icyizere. Yagize ati: "Indirimbo 'Ntiyarekeye Gukora ikubiyemo ubutumwa bw'imirimo n'ibitangaza by'Imana kandi uko Imana yakoraga kera n'uyu munsi iracyakora, abantu nibongere bayigirire icyizere."

Akomeza agaragaza ko icyabateye gukora iyo ndirimbo ari uko basanze hari abantu bababarira mu Isi cyane bakagera aho bagatera Imana icyizere bibwira ko itakibitayeho cyangwa yahindutse, akavuga bayikoze bagamije kubahumuriza. Ati: "Twayikoze tugamije kubwira abantu ngo bongere bagirire Imana icyizere, kuko imbaraga zayo ntizihinduka uko yari kera n'ubu ni ko iri."

Muri iyo ndirimbo hari aho bavuga inkuru y'ukuntu Yesu yahagije Abantu ibihumbi bitanu akoresheje amafi abiri n'imigati itanu gusa, ibyo bivuze ko imbaraga zayo na n'uyu munsi zigihari kandi zigikora bityo ntawe ukwiye kwiheba ngo bitume yumva ko Imana itakibasha gukora.

Korali Amahoro imaze imyaka myinshi ikora ivugabutumwa rinyuze mu ndirimbo aho kuri ubu ifite abaririmbyi 65.

# Umuhanzi Angélique Kidjo agiye gushyirwa kuri 'Hollywood Walk of Fame'

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzikazi ukomoka muri Benin, Angélique Kidjo, agiye guca agahigo nyuma yo gutoranywa nk'Umunyafurika wa mbere ukora umuziki ugiye guhabwa icyubahiro cyo gushyirwa kuri 'Hollywood Walk of Fame'. Uyu mugore umaze imyaka isaga 40 akora umuziki agiye kwandika aya mateka nyuma y'iminsi mike akoze indirimbo yise 'Kakuwa' yafatanyije na Diamond Platinumz.***



Angelique Kidjo agiye guhabwa inyenyeri y'icyubahiro nk'umunya Afurika wa mbere

Mu 2025, ni bwo itsinda rya 'Hollywood Chamber of Commerce' risanzwe rihitamo abahanzi bahabwa icyo cyubahiro batangaje ko Kidjo ari umwe mu bantu 35 bagize itsinda ry'abazashyirwa kuri 'Hollywood Walk of Fame' mu 2026. Umuhango wo kumushyira kuri 'Hollywood Walk of Fame' uteganyijwe ku wa 18 Kanama 2026, aho azahabwa inyenyeri ya 2 854 ku muhanda uzwi cyane muri Los Angeles.

Kidjo agiye guhabwa iyo nyenyeri nyuma y'uko aherutse gushyira hanze album ye ya 18 yise "HOPE!!", yasohotse muri Mata 2026, ikaba yarayikoranye n'abahanzi barimo Pharrell Williams na Quavo. Ni inyenyeri ije isanga ibindi bigwi Kidjo yubatse birimo ibihembo bitanu bya Grammy Awards.

Kuba yarabaye Ambasaderi wa UNICEF kuva mu 2002, nyuma aza gushinga 'Batonga Foundation' ifasha mu burezi bw'abakobwa bo muri Afurika. Kidjo azwi cyane ku kuba yarahuje injyana gakondo zo muri Afurika n'izigezweho, bikamufasha kumenyekana hirya no hino ku Isi.

Uretse Kidjo abandi bazahabwa icyubahiro cya 'Hollywood Walk of Fame' barimo 'Miley Cyrus' na 'Bone Thugs-N-Harmony' n'abandi. Kuba Kidjo agiye gushyirwa kuri 'Hollywood Walk of Fame' ni ikimenyetso cy'uko umuziki nyafurika ukomeje kugira umwanya ukomeye ku rwego mpuzamahanga.



Umuhanzi w'umunya Benin, Angelique Kidjo

# Imurora Japhet yahagaritswe imyaka itanu mu bikorwa byose by'umupira w'amaguru

SHEMA Ivan

***Komisiyo Ishinzwe Imyitwarire mu Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (FERWAFA), yahagaritse Imurora Japhet wari Umutoza Wungirije w'Amagaju FC. Yahagaritswe imyaka itanu mu bikorwa byose by'umupira kubera kugena ibiva mu mukino.***

Ni ibyabaye mbere y'umukino w'Umunsi wa 27 wa Shampiyona y'u Rwanda wabereye kuri Stade Ubworoherane, ku wa 17 Mata 2026. Aho hagiye hanze amajwi ya Imurora asaba Habarurema Gahungu kuza kwitsindisha ku mukino Musanze FC yakiriyemo Amagaju F.C.

Byarangiye Musanze FC itsinzwe n'Amagaju FC ibitego 2-0 byinjijwe na Destin Malanda na Ndayishimiye Edouard. Isesengura ryo kugereranya amajwi ryakozwe hagati y'amajwi y'uwitwa 'Unknown Speaker 1' n'amajwi y'icyitegererezo azwi ya Imurora Hakizimana Japhet, hagamijwe kumenya niba ayo majwi akomoka ku muntu umwe (Imurora Hakizimana Japhet) cyangwa niba akomoka ku bantu batandukanye.

Ati: "Ibipimo byagaragaye hagati y'amajwi ya 'Unknown Speaker 1' (amajwi yafashwe mbere) n'amajwi y'icyitegererezo ya Imurora Hakizimana Japhet yatanze ubwo yatumizwaga kuri 'Rwanda Forensic Institute', byerekana ko akomoka ku muntu umwe, ari we Imurora Hakizimana Japhet."

Nyuma yo kwakira ibyavuye mu isuzumwa ry'amajwi nkuko yashyikirijwe na Rwanda Forensic Institute, Habarurema Gahungu, Imurora Hakizimana Japhet, uhagarariye Amagaju FC ndetse n'uhagarariye Musanze FC batumijweho na komisiyo bagezwaho iyo raporo.

Komisiyo ishinzwe Imyitwarire muri FERWAFA yasanze Imurora Hakizimana Japhet, Umutoza w'Amagaju FC yaragennye ibiva mu mukino wo ku wa 17 Mata 2026 wahuje Musanze FC na Amagaju FC. Ibi bikaba bigize icyaha giteganywa mu ngingo ya 39.1: *Guhindura imigendekere mu mikino y'umupira w'amaguru n'amarushanwa (Manipulation of football matches and competitions).*

Iyo ngingo igira iti: Umuntu wese, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, binyuze mu gikorwa cyangwa mu kutagira



Imurora Japhet yahagaritswe imyaka itanu mu bikorwa byose by'umupira kubera kugena ibiva mu mukino

icyo akora, utuma hakorwa ikintu mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa uhindura imigendekere y'umukino, amanota / ibitego cyangwa ikindi kintu cyose ku mukino na/ cyangwa irushanwa, cyangwa ubyumvikana n'abandi cyangwa ugerageza kubikora mu buryo ubwo ari bwo bwose, ahanishwa guhagarikwa kwitabira ibikorwa byose bijyanye n'umupira w'amaguru mu gihe kiri hagati y'imyaka itatu n'itanu, ndetse n'ihazabu iri hagati ya 500 000 Frw na 5 000 000 Frw. Ku makosa akomeye, hatangwa igihano cy'ihagarikwa ry'igihe kirekire gishobora no kuvamo guhagarikwa burundu kwitabira ibikorwa byose bijyanye n'umupira w'amaguru.

Komisiyo y'Imyitwarire ihanishije Imurora Hakizimana Japhet kubuzwa kwitabira igikorwa icyo ari cyo cyose gifitanye isano n'umupira w'amaguru mu gihe kitarenze imyaka itanu. Uretse igihano cy'imyaka itanu yahanishijwe gutanga ihazabu ya miliyoni 5 Frw, kongeraho amafaranga yatanzwe hapimisha amajwi ye muri Rwanda Forensic Institute (RFI), akaba miliyoni 6,28 Frw.

# Basketball: RSSB Tigers yamenye itsinda ihererereyemo mu mikino ihuza imigabane

SHEMA Ivan

***RSSB Tigers BBC yegukanye irushanwa rihuza amakipe akomeye muri Afurika rya Basketball Africa League (BAL 2026), yisanze mu Itsinda A mu irushanwa rihuza amakipe ahagarariye imigabane ku Isi rya "FIBA Intercontinental Cup" riteganyijwe kubera mu Bushinwa kuva tariki ya 22 kugeza ku wa 27 Nzeri 2026.***

Ku wa Gatandatu, tariki ya 8 Kanama 2026, ni bwo Ishyirahamwe rya Basktball ku Isi (FIBA), ryashyize hanze uko amakipe atandatu azahatana agabanyije mu matsinda abiri. Muri iri rushanwa Afurika izaba ihagarariwe na RSSB




RSSB Tigers yamenye itsinda irimo

Tigers, nyuma yo guhigika andi makipe yo muri Afurika ikitwara neza muri BAL 2026 yabereye i Kigali, ari na bwo bwa mbere ikipe yo mu Rwanda yari iritwaye.

Itsinda A ririmo RSSB Tigers izahagararira Afurika nyuma kwandika amateka yo kuba ikipe yo mu Rwanda yatwaye BAL 2026 yabereye i Kigali, hamwe na Rytas Vilnius yo muri Lithuania ihagarariye u Burayi, na Shangai Sharks yo mu Bushinwa ihagarariye Aziya.

Itsinda B ririmo Beijing Royal Fighters yo mu Bushinwa, Boca Juniors yo muri Argentina ihagarariye Amerika y'Amajyepfo na NBA G League United irimo abakinnyi b'intoranywa muri shampiyona ityarizwamo abakina muri NBA, ikaba ari ikipe izaba ihagarariye Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Amakipe abiri ya mbere muri buri tsinda azakina ½. Umukino wa mbere ari na wo ufungura irushanwa RSSB Tigers izahura na Rytas Vilnius ku wa 22 Nzeri 2026.



RSSB Tigers yisanze mu Itsinda A ry'imikino ihuza imigabane

Imvaho Nshya
Siporo



Nº. E-69 TARIKI 4 -10 KANAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Rayon Sports yegukanye CECAFA Kagame Cup nyuma y'imyaka 28




**Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin ashyikiriza kapiteni wa Rayon Sports igikombe cya CECAFA Kagame Cup 2026**

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports yari ihagarariye u Rwanda yegukanye igikombe cya CECAFA Kagame Cup 2026 cyakinirwaga i Kigali, itsinze Gor Mahia yo muri Kenya ibitego 2-1 mu mukino wakinwe iminota 120. Uyu mukino wabaye kuri uyu wa 7 Kanama 2026, kuri Stade Amahoro yuzuye abafana ibihumbi 45 barimo Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin, Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire, Perezida wa FERWAFA, Shema Ngoga Fabrice n'abandi.***

Ni umukino watangjye amakipe yombi yigana ariko Gor Mahia ikiharira umupira hagati mu kibuga bagerageza amashoti atandukanye ariko akanyura kure cyane y'izamu rya Rayon Sports ryarimo Junior Dande. Mu minota 25, Rayon Sports yinjiye mu mukino itangira gukina neza hagati mu kibuga igumana umupira ndetse abakinnyi basatira bagerageza



**Kapiteni wa Rayon Sports Nshimiyimana Emmanuel Kabange ni we watowe nk'umukinnyi mwiza w'irushanwa**

kurema uburyo bwo gutsinda igitego.

Ku munota wa 28, Rayon Sports yafunguye amazamu ku mupira mwiza Nshimiyimana Emmanuel Kabange yahinduye mu rubuga, Gor Mahia iwukuraho usanga Junior Kameni awushyira mu izamu. Igice cya mbere cyarangiye Rayon Sports itsinze Gor Mahia igitego 1-0.

Mu igice cya kabiri, Gor Mahia yatangiranye impinduka eshatu: Paul Ochuoga, Paul Okoth na Ebenezer Adu-kwaw, basimburwa na Othieno Onyona, Ebenezer Assifuah na Stanley Omondi. Izi mpinduka zahise zitanga umusaruro kuko ku munota wa 54, Sabuni Odhiambo Sharriff yishyuriye Gor Mahia ku mupira muremure yahawe, yinjira mu rubuga rw'amahina, acenga Nshuti Didier ahita atera ishoti rikomeye mu izamu.

Ku munota wa 63, Umutoza wa Rayon Sports, Haringigo Francis yakoze impinduka, Muhoza Daniel asimbura Iradukunda Elie Tatou. Mu minota 70, iyi kipe yo muri Kenya yakomeje kwiharira umupira hagati mu kibuga binyuze mu bakinnyi bayo basatira barimo Sirengo na Assifuah.


Iminota 10 ya nyuma yakomeje kwiharirwa na Gor Mahia yahushaga uburyo butandukanye imbere y'izamu. Iminota 90 isanzwe yarangiye amakipe yombi anganya igitego 1-1, hongerwaho indi minota y'inyongera.

Ku munota wa 96, Rayon Sports yabonye igitego cya kabiri cyinjijwe na Muhoza Daniel ku mupira yateye agaramye awushyira mu rushundura. Nta kindi gitego cyabonetse kugeza umukino urangiye. Rayon Sports yatsinze Gor Mahia ibitego 2-1, yegukana igikombe cy'irushanwa rya CECAFA Kagame Cup 2026 ryari rimaze ibyumweru bibiri ribera i Kigali.

Gikundiro yaherukaga kwegukana iri rushanwa mu 1998, icyo gihe yatsinze Mlandege FC yo muri Zanzibar ibitego 2-1. Umwanya wa gatatu wegukanywe na Al Hilal SC yo muri Sudani itsinze Jamus FC yo muri Sudani y'Epfo ibitego 2-1.

Ibitego bya Al Hilal SC byinjijwe na Ansumana Samura (54') na Abdelrazig Yagoub Omer Taha (66') mu gihe icya Jamus SC cyatsinzwe na Simon Majak (90+1'). Kwegukana CECAFA Kagame Cup 2026 byahesheje Rayon Sports ibihumbi 30$ (miliyoni 44 Frw). Gor Mahia ya kabiri yahawe ibihumbi 20$ naho Al-Hilal SC ya gatatu ihabwa ibihumbi 10$.

Umukinnyi w'irushanwa yabaye kapiteni wa Rayon Sports Nshimiyimana Emmanuel 'Kabange', umunyezamu mwiza yabaye Dande Junior wa Rayon Sports winjijwe ibitego bibiri. Ba rutahizamu b'irushanwa ni babiri Djibril Outtara wa APR FC na Ansumana Samura wa Al-Hilal SC bombi binjije ibitego bitatu naho ikipe yagaragaje 'fair-play' yabaye Rayon Sports.




**Umusifuzi w'Umunya-Somalia Omar Artan ni we wayoboye umukino wa nyuma wa CECAFA Kagame Cup 2026**